*Umwaka wa 48 n°16 bis*
*20 Mata 2009*

*Year 48 n° 16 bis*
*20 April 2009*

*48ème Année n°16 bis*
*20 avril 2009*

| Igazeti ya Leta ya Repubulika y'u Rwanda | Official Gazette of the Republic of Rwanda | Journal Officiel de la République du Rwanda |
|---|---|---|

*Ibirimo/Summary/Sommaire*

*A. Itegeko Ngenga/Organic Law/Loi Organique*

**N° 02/2009/OL. ryo kuwa 17/04/2009**
Itegeko Ngenga rihindura kandi ryuzuza Itegeko Ngenga n° 06/2006 ryo kuwa 15/02/2006 rigena imikorere y'Umutwe w'Abadepite mu Nteko Ishinga Amategeko……………………………………3

**N°02/2009/OL. of 17/04/2009**
Organic Law modifying and complementing the Organic Law n° 06/2006 of 15/02/2006 establishing internal rules of procedure of the Chamber of Deputies in the Parliament……………3

**N°02/2009/OL. du 17/04/2009**
Loi Organique modifiant et complétant la Loi Organique n° 06/2006 du 15/02/2006 portant règlement d'ordre intérieur de la Chambre des Députés du Parlement……………………………..3

*B. Itegeko / Law/Loi*

**N° 58/2008 ryo kuwa 10/09/2008**
Itegeko rigena imitunganyirize n'imicungire y'ubworozi bwo mu mazi n'uburobyi mu Rwanda...8

**N° 58/2008 of 10/09/2008**
Law determining the organisation and management of aquaculture and fishing in Rwanda………8.

**N° 58/2008 du 10/09/2008**
Loi portant organisation de l'aquaculture et de la pêche au Rwanda……………………………..8

*C. Amateka ya Minisitiri/Ministerial Orders/Arrêtés Ministériels*

**N°03/09 ryo kuwa 30/03/2009**
Iteka rya Minisitiri rishyiraho uburyo bwo kugenzura ibikorwa by'abishingizi n'ibigo byakiriye abafite ubumuga...................................................................................................................35

**N°03/09 of 30/03/2009**

Ministerial Order establishing modalities for regular monitoring of activities of tutors and centres that cater for the disabled persons………………………………………………………………35
**N°03/09 du 30/03/2009**
Arrêté Ministériel portant modalités de suivi des activités des tuteurs et des centres de prise en charge des personnes handicapées……………………………………………………………35

**N°04/09 ryo kuwa 30/03/2009**
Iteka rya Minisitiri rigena uko ubutabazi bukorerwa abafite ubumuga mu gihe cy'intambara, impanuka n'ibindi byago bukorwa...............................................................................................44

**N° 04/09 of 30/03/2009**
Ministerial Order establishing modalities of how disabled persons shall be assisted in times of conflict, accidents and other disasters…………………………………………………………..44

**N°04/09 du 30/03/2009**
Arrêté Ministériel portant modalités d'assistance aux personnes handicapées en cas de conflit, d'accident et d'autres catastrophes…………………………………………………………...44

**N°05/09 ryo kuwa 30/03/2009**
Iteka rya Minisitiri rigena uko Leta ifasha umuntu ufite ubumuga udafite umwitaho....................49

**N°05/09 of 30/03/2009**
Ministerial Order establishing modalities of State assistance to a needy disabled person………...49

**N°05/09 du 30/03/2009**
Arrêté Ministériel portant modalités de prise en charge par l'Etat de personne handicapée sans assistance……………………………………………………………………………………...49

**ITEGEKO NGENGA N° 02/2009/OL. RYO KUWA 17/04/2009 RIHINDURA KANDI RYUZUZA ITEGEKO NGENGA N° 06/2006 RYO KU WA 15/02/2006 RIGENA IMIKORERE Y'UMUTWE W'ABADEPITE MU NTEKO ISHINGA AMATEGEKO**

**ISHAKIRO**

**Ingingo ya mbere: Ibihembwe bisanzwe**

**Ingingo ya 2: Ururimi iri tegeko ngenga ryateguriwemo, ryasuzumiwemo n'urwo ryatorewemo**

**Ingingo ya 3: Ivanwaho ry'ingingo zinyuranyije n'iri tegeko ngenga**

**Ingingo ya 4: Igihe iri tegeko ngenga ritangira gukurikizwa**

**ORGANIC LAW N°02/2009/OL. OF 17/04/2009 MODIFYING AND COMPLEMENTING THE ORGANIC LAW N° 06/2006 OF 15/02/2006 ESTABLISHING INTERNAL RULES OF PROCEDURE OF THE CHAMBER OF DEPUTIES IN THE PARLIAMENT**

**TABLE OF CONTENTS**

**Article One: Ordinary sessions**

**Article 2: Language of preparation, examination and adoption of this Organic Law**

**Article 3: Repealing of inconsistent provisions**

**Aricle 4: Commencement**

**LOI ORGANIQUE N°02/2009/OL. DU 17/04/2009 MODIFIANT ET COMPLETANT LA LOI ORGANIQUE N° 06/2006 DU 15/02/2006 PORTANT REGLEMENT D'ORDRE INTERIEUR DE LA CHAMBRE DES DEPUTES DU PARLEMENT**

**TABLE DES MATIERES**

**Article premier: Sessions ordinaires**

**Article 2: Langue d'initiation, d'examen et d'adoption de la présente loi organique**

**Article 3: Disposition abrogatoire**

**Article 4: Entrée en vigueur**

**ITEGEKO NGENGA N°02/2009/OL.RYO KUWA 17/04/2009 RIHINDURA KANDI RYUZUZA ITEGEKO NGENGA N° 06/2006 RYO KU WA 15/02/2006 RIGENA IMIKORERE Y'UMUTWE W'ABADEPITE MU NTEKO ISHINGA AMATEGEKO**

**Twebwe, KAGAME Paul,**
Perezida wa Repubulika**;**

**INTEKO ISHINGA AMATEGEKO YEMEJE, NONE NATWE DUHAMIJE, DUTANGAJE ITEGEKO NGENGA RITEYE RITYA KANDI DUTEGETSE KO RYANDIKWA MU IGAZETI YA LETA YA REPUBULIKA Y'U RWANDA**

**INTEKO ISHINGA AMATEGEKO:**

Umutwe w'Abadepite, mu nama yawo yo ku wa 24 Werurwe 2009;

Umutwe wa Sena, mu nama yawo yo ku wa 27 Werurwe 2009;

Ishingiye ku Itegeko Nshinga rya Repubulika y'u Rwanda ryo ku wa 04 Kamena 2003 nk'uko ryavuguruwe kugeza ubu, cyane cyane mu ngingo zaryo, iya 62, iya 66, iya 67, iya 79,iya 88, iya 89, iya 90, iya 92, iya 93, iya 94,

**ORGANIC LAW N°02/2009/OL. OF 17/04/2009 MODIFYING AND COMPLEMENTING THE ORGANIC LAW N° 06/2006 OF 15/02/2006 ESTABLISHING INTERNAL RULES OF PROCEDURE OF THE CHAMBER OF DEPUTIES IN THE PARLIAMENT**

**We, KAGAME Paul,**
President of the Republic;

**THE PARLIAMENT HAS ADOPTED AND WE SANCTION, PROMULGATE THE FOLLOWING ORGANIC LAW AND ORDER IT TO BE PUBLISHED IN THE OFFICIAL GAZETTE OF THE REPUBLIC OF RWANDA**

**THE PARLIAMENT:**

The Chamber of Deputies, in its session of 24 March 2009;

The Senate, in its session of 27 March 2009;

Pursuant to the Constitution of the Republic of Rwanda of 04 June 2003, as amended to date, especially in Articles 62, 66, 67, 79, 88, 89, 90, 92, 93, 94, 95, 108, 183, 184 and 201;

**LOI ORGANIQUE N°02/2009/OL. DU 17/04/2009 MODIFIANT ET COMPLETANT LA LOI ORGANIQUE N° 06/2006 DU 15/02/2006 PORTANT REGLEMENT D'ORDRE INTERIEUR DE LA CHAMBRE DES DEPUTES DU PARLEMENT**

**Nous, KAGAME Paul,**
Président de la République;

**LE PARLEMENT A ADOPTE ET NOUS SANCTIONNONS, PROMULGUONS LA LOI ORGANIQUE DONT LA TENEUR SUIT ET ORDONNONS QU'ELLE SOIT PUBLIEE AU JOURNAL OFFICIEL DE LA REPUBLIQUE DU RWANDA**

**LE PARLEMENT:**

La Chambre des Députés, en sa séance du 24 mars 2009;

Le Sénat, en sa séance du 27 mars 2009;

Vu la Constitution de la République du Rwanda du 04 juin 2003, telle que révisée à ce jour, spécialement en ses articles 62, 66, 67,79, 88, 89, 90, 92, 93, 94, 95, 108, 183, 184 et 201;

iya 95, iya 108, iya 183, iya 184 n'iya 201;

Ishingiye ku Masezerano Ashyiraho Umuryango w'Afurika y'Iburasirazuba, cyane cyane mu ngingo yayo ya 132;

Ishingiye ku Itegeko Ngenga n° 37/2006 ryo kuwa 12/09/2006 ryerekeye imari n'umutungo bya Leta nk'uko ryahinduwe kandi ryujujwe kugeza ubu, cyane cyane mu ngingo zaryo, iya 20, iya 54,iya 69, n'iya 71;

Isubiye ku Itegeko Ngenga n° 06/2006 ryo ku wa 15/02/2006 rigena imikorere y'Umutwe w'Abadepite mu Nteko Ishinga Amategeko, cyane cyane mu ngingo yaryo ya 68;

**YEMEJE:**

**Ingingo ya mbere: Ibihembwe bisanzwe**

Ingingo ya 68 y'Itegeko Ngenga n° 06/2006 ryo kuwa 15/02/2006 rigena imikorere y'Umutwe w'Abadepite mu Nteko Ishinga Amategeko ihinduwe ku buryo bukurikira :

Umutwe w'Abadepite uterana mu bihembwe bitatu bisanzwe; buri gihembwe kimara amezi abiri (2):

1° igihembwe cya mbere gitangira ku itariki ya 5 Gashyantare;

2° igihembwe cya kabiri gitangira ku itariki ya 5 Kamena;

3° igihembwe cya gatatu gitangira ku itariki ya 5 Ukwakira.

Pursuant to the Treaty for the Establishment of the East African Community, especially in Article 132,

Pursuant to Organic Law n° 37/2006 of 12/09/2006 on State finances and property as amended and complemented to date, especially in Articles 20, 54, 69 and 71;

Having reviewed the Organic Law n° 06/2006 of 15/02/2006 establishing internal rules of procedure of the Chamber of Deputies in Parliament, especially in Article 68,

**ADOPTS:**

**Article One: Ordinary sessions**

Article 68 of the Organic Law n° 06/2006 of 15/02/2006 establishing internal rules of procedure of the Chamber of Deputies in Parliament is modified as follows:

The Chamber of Deputies shall sit in three (3) ordinary sessions, each session lasting for two (2) months:

1° the first session shall commence on February 5th;

2° the second session shall commence on June 5th;

3° the third session shall commence on October 5th.

Vu le Traité relatif à la création de la Communauté d'Afrique de l'Est, spécialement en son article 132;

Vu la Loi Organique n° 37/2006 du 12/09/2006 relative aux finances et au patrimoine de l'Etat telle que modifiée et complétée à ce jour, spécialement en ses articles 20, 54, 69 et 71;

Revu la Loi Organique n° 06/2006 du 15 /02/2006 portant règlement d'ordre intérieur de la Chambre des Députés du Parlement, spécialement en son article 68;

**ADOPTE:**

**Article premier: Sessions ordinaires**

Article 68 de la Loi Organique n° 06/2006 du 15 /02/2006 portant règlement d'ordre intérieur de la Chambre des Députés du Parlement est modifié comme suit :

La Chambre des Députés se réunit en trois (3) sessions ordinaires de deux (2) mois chacune :

1° la première session s'ouvre le 5 février;

2° la deuxième session s'ouvre le 5 juin;

3° la troisième session s'ouvre le 5 octobre.

Iyo umunsi wa mbere cyangwa wa nyuma w'igihembwe atari umunsi w'akazi, itangira cyangwa isozwa ry'igihembwe rishyirwa bukeye cyangwa se ku munsi wa mbere w'akazi ukurikira

Mu nama ya mbere y'Inteko Rusange y'igihembwe gisanzwe, Umutwe w'Abadepite wemeza ibiri ku murongo w'ibyigwa mu gihembwe cyose. Ibiri ku murongo w'ibyigwa bimenyeshwa Abadepite kimwe n'abantu bose, hakoreshejwe uburyo butandukanye nko gukoresha itangazamakuru n'umurongo wa interineti w'Umutwe w'Abadepite.

Mu ntangiriro za buri gihembwe gisanzwe, Biro y'Umutwe w'Abadepite itanga raporo y'ibikorwa by'Umutwe w'Abadepite by'igihembwe giheruka.

**<u>Ingingo ya 2</u>: Ururimi iri tegeko ngenga ryateguriwemo, ryasuzumiwemo n'urwo ryatorewemo**

Iri tegeko ngenga ryateguwe, risuzumwa kandi ritorwa mu rurimi rw'Ikinyarwanda.

**<u>Ingingo ya 3</u>: Ivanwaho ry'ingingo zinyuranyije n'iri tegeko ngenga**

Ingingo zose z'amategeko abanziriza iri tegeko ngenga kandi zinyuranyije naryo zivanyweho.

**<u>Ingingo ya 4</u>: Igihe itegeko ngenga ritangira gukurikizwa**

Iri tegeko ngenga ritangira gukurikizwa ku

When the first or last day of the session is not a working day, the opening or closure of the session shall be adjourned to the following day, or, as the case may be, to the immediate next working day.

In the first sitting of the Plenary Assembly of the ordinary session, the Chamber of Deputies shall approve the agenda for the whole session. The items on the agenda shall be communicated to all Deputies and the public through different ways like the media and the web site of the Chamber of Deputies.

At the beginning of each ordinary session, the Bureau of the Chamber of Deputies shall present a report of the activities of the Chamber of Deputies of the previous session.

**<u>Article 2</u>: Language of preparation, examination and adoption of this Organic Law**

This Organic Law was prepared, examined and adopted in Kinyarwanda.

**<u>Article 3</u>: Repealing of inconsistent provisions**

All prior legal provisions contrary to this Organic Law are hereby repealed.

**<u>Aricle 4</u>: Commencement**

This Organic Law shall come into force on the

Au cas où le jour de l'ouverture ou de la clôture de la session est férié, l'ouverture ou la clôture est reportée au lendemain ou, le cas échéant, au premier jour ouvrable qui suit.

Au début de la première séance d'une session ordinaire, la Chambre des Députés adopte l'ordre du jour de toute la session. Cet ordre du jour est mis à la portée des Députés et du public par diverses voies, notamment par les media et par la publication au site Internet de la Chambre des Députés.

Au début de chaque session ordinaire, le Bureau de la Chambre des Députés donne rapport des activités de la Chambre des Députés de la session précédente.

**<u>Article 2</u>: Langue d'initiation, d'examen et d'adoption de la présente loi organique**

La présente loi organique a été initiée, examinée et adoptée en Kinyarwanda.

**<u>Article 3</u>:Disposition abrogatoire**

Toutes les dispositions légales antérieures contraires à la présente loi organique sont abrogées.

**<u>Article 4</u>: Entrée en vigueur**

La présente loi organique entre en vigueur le

munsi ritangarijweho mu Igazeti ya Leta ya Repubulika y'u Rwanda.

Kigali, ku wa **17/04/2009**

Perezida wa Repubulika
**KAGAME Paul**
**(sé)**

Minisitiri w'Intebe
**MAKUZA Bernard**
**(sé)**

**Bibonywe kandi bishyizweho Ikirango cya Repubulika:**

Minisitiri w'Ubutabera/Intumwa Nkuru ya Leta
**KARUGARAMA Tharcisse**
**(sé)**

date of its publication in the Official Gazette of the Republic of Rwanda.

Kigali, on **17/04/2009**

The President of the Republic
**KAGAME Paul**
**(sé)**

The Prime Minister
**MAKUZA Bernard**
**(sé)**

**Seen and sealed with the Seal of the Republic:**

The Minister of Justice/Attorney General

**KARUGARAMA Tharcisse**
**(sé)**

jour de sa publication au Journal Officiel de la République du Rwanda.

Kigali, le **17/04/2009**

Le Président de la République
**KAGAME Paul**
**(sé)**

Le Premier Ministre
**MAKUZA Bernard**
**(sé)**

**Vu et scellé du Sceau de la République:**

Le Ministre de la Justice/Garde des Sceaux

**KARUGARAMA Tharcisse**
**(sé)**

**ITEGEKO N° 58/2008 RYO KUWA 10/09/2008 RIGENA IMITUNGANYIRIZE N'IMICUNGIRE Y'UBWOROZI BWO MU MAZI N'UBUROBYI MU RWANDA**

**ISHAKIRO**

**UMUTWE WA MBERE: INGINGO RUSANGE**

**Ingingo ya mbere: Icyo itegeko rigamije**

**Ingingo ya 2: Ibisobanuro by'amagambo**

**Ingingo ya 3: Ibirebwa n'iri tegeko**

**Ingingo ya 4: Uburenganzira bwo kuroba**

**Ingingo ya 5: Ubwoko bw'uburobyi**

**Ingingo ya 6: Uburobyi bw'umwuga**

**UMUTWE WA II: IMICUNGIRE N'ITERAMBERE RY'IBIKORWA BY'UBWOROZI BWO MU MAZI N'UBUROBYI**

**Ingingo ya 7: Imitunganyirize n'imicungire y'umutungo w'ubworozi bwo mu mazi n'uburobyi**

**LAW N°58/2008 OF 10/09/2008 DETERMINING THE ORGANISATION AND MANAGEMENT OF AQUACULTURE AND FISHING IN RWANDA**

**TABLE OF CONTENTS**

**CHAPTER ONE: GENERAL PROVISIONS**

**Article One: Purpose of this Law**

**Article 2: Definitions**

**Article 3: Scope of this Law**

**Article 4: The right to fish**

**Article 5: Types of fishing**

**Article 6: Professional fishing**

**CHAPTER II: MANAGEMENT AND DEVELOPMENT OF AQUACULTURE ACTIVITIES AND FISHERIES**

**Article 7: Organisation and management of aquaculture resources and fisheries**

**LOI N° 58/2008 DU 10/09/2008 PORTANT ORGANISATION DE L'AQUACULTURE ET DE LA PECHE AU RWANDA**

**TABLE DES MATIERES**

**CHAPITRE PREMIER: DISPOSITIONS GENERALES**

**Article premier: Objet de la loi**

**Article 2: Définitions**

**Article 3: Champ d'application de la présente loi**

**Article 4: Droit à la pêche**

**Article 5 : Type de pêche**

**Article 6 : Pêche professionnelle**

**CHAPITRE II: GESTION ET DEVELOPPEMENT DES ACTIVITES DE L'AQUACULTURE ET DE LA PECHE**

**Article 7: Organisation et gestion de la ressource aquacole et halieutique**

| | | |
|---|---|---|
| **Ingingo ya 8: Itumizwa ry'ibikoresho by'ubworozi bwo mu mazi n'uburobyi** | **Article 8: Importation of aquaculture gears and fishing equipment** | **Article 8: Importation des engins et du matériel d'aquaculture et de pêche** |
| **Ingingo ya 9: Amazi u Rwanda ruhuriyeho n'ibindi bihugu** | **Article 9: Waters shared with other countries** | **Article 9: Les eaux partagées avec d'autres pays** |
| **Ingingo ya 10: Igenwa ry'uturere tw'ubworozi bwo mu mazi n'utw'uburobyi** | **Article 10: Determination of aquaculture and fishing regions** | **Article 10: Zones d'aquaculture et de pêche** |
| **UMUTWE WA III: AMABWIRIZA RUSANGE YO KWITA KU MUTUNGO W'UBWOROZI BWO MU MAZI N'UBUROBYI** | **CHAPTER III: GENERAL REGULATIONS IN MANAGEMENT OF AQUACULTURE AND FISHING** | **CHAPITRE III: REGLEMENTATION GENERALE ET MESURES DE CONSERVATION DES RESSOURCES AQUACOLES ET HALIEUTIQUES** |
| **Ingingo ya 11: Ibibujijwe mu burobyi** | **Article 11: Restrictions in fishing** | **Article 11: Méthodes de pêche prohibées** |
| **Ingingo ya 12: Gutera ibinyabuzima mu mazi y'u Rwanda** | **Article 12: Introduction of aquatic species in Rwandan waters** | **Article 12: Introduction des espèces aquatiques dans les eaux du Rwanda** |
| **Ingingo ya 13: Gukora ubworozi bwo mu mazi** | **Article 13: Aquaculture practice** | **Article 13 : Exercice de l'aquaculture** |
| **Ingingo ya 14: Impamvu yo kudahabwa ubukode bw'igikingi** | **Article 14: Grounds for the refusal of an aquaculture concession** | **Article 14: Refus d'octroi du titre de location d'une concession d'aquaculture** |
| **Ingingo ya 15: Kurinda ibinyabuzima byo mu mazi** | **Article 15: Protection of aquatic organisms** | **Article 15: Protection de la biodiversité aquatique** |
| **UMUTWE WA IV: IMPUSHYA Z'UBUROBYI** | **CHAPTER IV: FISHING LICENCES** | **CHAPITRE IV: LICENCES DE PECHE** |
| **Ingingo ya 16: Itangwa ry'impushya z'uburobyi** | **Article 16: Fishing licence obligations** | **Article 16: Critères d'octroi des licences de pêche** |
| **Ingingo ya 17: Uruhushya rwo kuroba hagamijwe ubushakashatsi** | **Article 17: License for fishing with an aim to carry out scientific research** | **Article 17: Octroi d'une licence de pêche ayant pour objet la recherche scientifique** |

| | | |
|---|---|---|
| **Ingingo ya 18: Amasezerano y'ubukode bw'igikingi** | **Article 18: Fishing concession contract** | **Article 18: Contrat de location de concession** |
| **Ingingo ya 19: Guhabwa ubukode bw'igikingi cy'ubworozi bwo mu mazi n'uburobyi** | **Article 19: Acquisition of aquaculture and fishing concession contract** | **Article 19: Acquisition du contrat de location de concession d'aquaculture et de pêche** |
| **Ingingo ya 20: Gusaba ubukode bw'igikingi cy'ubworozi bwo mu mazi n'uburobyi** | **Article 20: Application for aquatic and fishing concession** | **Article 20: Demande de contrat de location de concession d'aquaculture et de pêche** |
| **Ingingo ya 21: Ihindurwa cyangwa iseswa ry'amasezerano y'ubukode bw'igikingi cy'ubworozi bwo mu mazi cyangwa cy'uburobyi** | **Article 21: Modification or cancellation of the fishing or aquaculture concession contract** | **Article 21: Modification ou résiliation du contrat de location d'une concession d'aquaculture et de pêche** |
| **UMUTWE WA V: IMIKORESHEREZE Y'UMUTUNGO W'AMAZI ISHOBORA KUGIRA INGARUKA MBI KU MUTUNGO UKOMOKA KU BUROBYI** | **CHAPTER V: USE OF WATER RESOURCES WHICH ARE LIKELY TO AFFECT AQUACULTURE AND FISHERIES** | **CHAPITRE V: UTILISATION DES RESSOURCES HYDRAULIQUES SUSCEPTIBLES D'AFFECTER L'AQUACULTURE ET LA PECHE** |
| **Ingingo ya 22: Ikoreshwa ry'amafumbire mu bworozi bwo mu mazi** | **Article 22: Use of fertilisers in aquaculture** | **Article 22: Emploi des fertilisants en aquaculture** |
| **UMUTWE WA VI: ISUKU N'UBUZIRANENGE BW'UMUSARURO W'IBIKOMOKA KU BUROBYI NO KU BWOROZI BWO MU MAZI** | **CHAPTER VI : HYGIENE AND QUALITY OF AQUACULTURE AND FISHERY PRODUCTS** | **CHAPITRE VI: HYGIENE ET QUALITE DES PRODUITS HALIEUTIQUES** |
| **Ingingo ya 23: Igenzura ry'isuku y'ibikomoka ku burobyi no ku bworozi bwo mu mazi** | **Article 23: Hygiene Control of aquaculture and fishery products** | **Article 23: Contrôle sanitaire des produits de l'aquaculture et la pêche** |
| **Ingingo ya 24: Ishyirwaho ry'inganda n'ahantu hatunganyirizwa umusaruro** | **Article 24: Establishment of fish processing factories** | **Article 24: Création des industries et unités de traitement des produits d'aquaculture et de pêche** |

**UMUTWE WA VII: KUGENZA IBYAHA**

**Ingingo ya 25: Kugenza ibyaha**

**Ingingo ya 26: Ububasha bw'abagenzacyaha mu bworozi bwo mu mazi no mu burobyi**

**Ingingo ya 27: Uko igenzura rikorwa**

**Ingingo ya 28: Gufatira by'agateganyo ibikoresho byakoreshejwe mu cyaha**

**UMUTWE WA VIII: IBIHANO**

**Ingingo ya 29: Ibyaha**

**Ingingo ya 30: Ibihano ku wakoze uburobyi nta ruhushya**

**Ingingo ya 31 : Ibihano ku wakoze ibyaha bivugwa mu ngingo ya 29**

**Ingingo ya 32: Ibihano bigenewe uwabangamiye abakozi bashinzwe kugenza ibyaha byo mu bworozi bwo mu mazi n'uburobyi**

**Ingingo ya 33: Ibihano mu gihe habaye isubiracyaha**

**UMUTWE WA IX: INGINGO ZINZIBACYUHO N'IZISOZA**

**Ingingo ya 34: Ibisabwa n'igihe cyo ku byuzuza**

**CHAPTER VII: INVESTIGATIONS**

**Article 25: Criminal investigations**

**Article 26: Powers of the judicial Police in the aquaculture and fishing industry**

**Article 27: Procedure for inspection**

**Article 28: Temporary seizure of equipment used in the commission of the crime**

**CHAPTER VIII: PENALTIES**

**Article 29: Offences**

**Article 30: Penalties to unauthorised fisherman**

**Article 31: Penalties for a person who violates Article 29**

**Article 32: Penalties for obstructing persons in charge of criminal investigations of aquaculture and fishing**

**Article 33: Offences of recidivism**

**CHAPTER IX: TRANSITIONAL AND FINAL PROVISIONS**

**Article 34: Requirements and period for fulfilment**

**CHAPITRE VII: LA RECHERCHE DES INFRACTIONS**

**Article 25: Recherche des infractions**

**Article 26: Compétences des agents chargés de la recherche des infractions en aquaculture et dans la pêche**

**Article 27: Procédures de contrôle**

**Article 28: Saisie à titre de mesure conservatoire du matériel utilisé lors de l'infraction**

**CHAPITRE VIII: PEINES**

**Article 29: Infractions**

**Article 30: Peines prévues en cas de pêche sans licence**

**Article 31: Peines prévues en cas de commission d'infractions citées à l'article 29**

**Article 32: Peines prévues pour le cas d'entrave au travail de l'agent de recherche des infractions**

**Article 33: Peines prévues en cas de récidive**

**CHAPITRE IX: DISPOSITIONS TRANSITOIRES ET FINALES**

**Article 34: Formalités et délai de les remplir**

**Ingingo ya 35: Ivanwaho ry'ingingo zinyuranyije n'iri tegeko**

**Article 35: Repealing of inconsistent provisions**

**Article 35: Disposition abrogatoire**

**Ingingo ya 36: Igihe itegeko ritangirira gukurikizwa**

**Article 36 : Commencement**

**Article 36: Entrée en vigueur**

**ITEGEKO N° 58/2008 RYO KUWA RIGENA IMITUNGANYIRIZE N'IMICUNGIRE Y'UBWOROZI BWO MU MAZI N'UBUROBYI MU RWANDA**

**Twebwe KAGAME Paul,**
Perezida wa Repubulika;

**INTEKO ISHINGA AMATEGEKO YEMEJE, NONE NATWE DUHAMIJE, DUTANGAJE ITEGEKO RITEYE RITYA KANDI DUTEGETSE KO RYANDIKWA MU IGAZETI YA LETA YA REPUBULIKA Y'U RWANDA.**

**INTEKO ISHINGA AMATEGEKO:**

Umutwe w'Abadepite mu nama yawo yo ku wa 02/07/2008;

Ishingiye ku Itegeko Nshinga rya Repubulika y'u Rwanda ryo ku wa 04 Kamena 2003, nk'uko ryavuguruwe kugeza ubu, cyane cyane mu ngingo zaryo iya 62, iya 90, iya 93, iya 108, iya 118, iya 190 n'iya 201;

Ishingiye ku masezerano mpuzamahanga yo gufata neza urusobe rw'ibinyabuzima n'aho ruba yashyiriweho umukono i Rio de Janeiro muri Brésil ku wa 5 Kamena 1992, nk'uko yemejwe burundu n'Iteka rya Perezida n° 017/01 ryo ku wa 18 Werurwe 1995 ;

**LAW N° 58/2008 OF 10/09/2008 DETERMINING THE ORGANISATION AND MANAGEMENT OF AQUACULTURE AND FISHING IN RWANDA**

**We, KAGAME Paul,**
President of the Republic;

**THE PARLIAMENT HAS ADOPTED AND WE SANCTION, PROMULGATE THE FOLLOWING LAW, ORDER IT BE PUBLISHED IN THE OFFICIAL GAZETTE OF THE REPUBLIC OF RWANDA.**

**THE PARLIAMENT:**

The Chamber of Deputies in its session of 02/07/2008;

Pursuant to the Constitution of the Republic of Rwanda of 04 June 2003 as amended to date, especially in Articles 62, 90, 93, 108, 118, 190 and 201;

Pursuant to the International Convention on Biological Diversity signed in Rio de Janeiro, Brazil, on 5 June 1992 as ratified by the Presidential Decree n° 017/01 of 18 March 1995;

**LOI N° 58/2008 DU 10/09/2008 PORTANT ORGANISATION DE L'AQUACULTURE ET DE LA PECHE AU RWANDA**

**Nous, KAGAME Paul,**
Président de la République;

**LE PARLEMENT A ADOPTE ET NOUS SANCTIONNONS, PROMULGUONS LA LOI DONT LA TENEUR SUIT ET ORDONNONS QU'ELLE SOIT PUBLIEE AU JOURNAL OFFICIEL DE LA REPUBLIQUE DU RWANDA.**

**LE PARLEMENT:**

La Chambre des Députés, en sa séance du 02/07/2008 ;

Vu la Constitution de la République du Rwanda du 04 juin 2003 telle que révisée à ce jour, spécialement en ses articles 62, 90, 93, 108, 118, 190 et 201 ;

Vu la Convention internationale sur la diversité biologique et son habitat signée à Rio de Janeiro, au Brésil, le 5 juin 1992 telle que ratifiée par l'Arrêté Présidentiel n° 017/01 du 18 mars 1995;

Ishingiye ku masezerano mpuzamahanga y'inyongera ya Carthagena yerekeye umutekano w'urusobe rw'ibinyabuzima yashyiriweho umukono i Nairobi guhera tariki ya 15 kugeza ku ya 26 Gicurasi 2000 n'i New York guhera tariki ya 5 Kamena 2000 kugeza ku ya 4 Kamena 2001, nk'uko yemerewe kwemezwa burundu n'Itegeko n° 38/2003 ryo ku wa 29 Ukuboza 2003;

Yibukije Amasezerano Mpuzamahanga y'i RAMSAR yo ku wa 2 Gashyantare 1971 yerekeye kubungabunga ahantu hahehereye hafite akamaro ku rwego mpuzamahanga, by'umwihariko indiri y'inyoni zo mu mazi, nk'uko yemerewe kwemezwa burundu n'Itegeko nº 37/2003 ryo ku wa 29/12/2003;

Ishingiye ku Itegeko Ngenga n° 04/2005 ryo ku wa 08/04/2005 rigena uburyo bwo kurengera, kubungabunga no guteza imbere ibidukikije mu Rwanda;

Ishingiye ku Itegeko Ngenga n° 08/2005 ryo ku wa 14/07/2005 rigena imikoreshereze n'imicungire y'ubutaka mu Rwanda;

Isubiye ku Itegeko-Teka ryo ku wa 21 Mata 1937 ryerekeye ubuhigi n'uburobyi;

**YEMEJE:**

Pursuant to the Cartagena Protocol on biosafety signed in Nairobi from 15 to 26 May 2000 and New York from 5 June 2000 to 4 June 2001 as approved for adoption by Law n° 38/2003 of 29 December 2003;

Pursuant to the RAMSAR International Convention of 2 February, 1971 on Wetlands of International importance, especially of waterfowl habitats as authorised to be ratified by Law n° 37/2007 of 29 December 2003;

Pursuant to Organic Law n° 04/2005 of 08/04/2005 determining the modalities of environment protection, conservation and development in Rwanda;

Pursuant to Organic Law n° 08/2005 of 14/07/2005 establishing the use and management of land in Rwanda;

Reviewed the Decree Law of 21 April 1937 relating to Game and Fishing;

**ADOPTS:**

Vu le Protocole additionnel de Cartagena sur la biosécurité ouvert à la signature à Nairobi, du 15 au 26 mai 2000 et à New York, du 5 juin 2000 au 04 juin 2001, tel qu'autorisé à être ratifié par la Loi n° 38/2003 du 29 décembre 2003;

Vu la Convention internationale de RAMSAR, du 2 février 1971, relative à la protection des zones humides d'importance internationale particulièrement comme habitats des oiseaux d'eau, telle qu'autorisée à être ratifiée par la Loi n° 37/2003 du 29 décembre 2003;

Vu la Loi Organique n° 04/2005 du 08/04/2005 portant modalités de protéger, sauvegarder et promouvoir l'environnement au Rwanda;

Vu la Loi Organique n° 08/2005 du 14/07/2005 portant régime foncier au Rwanda;

Revu le Décret-Loi du 21 avril 1937 portant sur la chasse et la pêche;

**ADOPTE:**

**UMUTWE WA MBERE: INGINGO RUSANGE**

**Ingingo ya mbere: Icyo itegeko rigamije**

Iri tegeko rigena imitunganyirize n'imicungire y'ubworozi bwo mu mazi n'uburobyi mu Rwanda.

**Ingingo ya 2: Ibisobanuro by'amagambo**

Muri iri tegeko, amagambo akurikira asobanurwa ku buryo bukurikira:

1° "**Uburobyi**": ibikorwa byose bigamije gufata umutungo ugizwe n'ibinyabuzima biboneka mu mazi hakoreshejwe uburyo ubwo ari bwo bwose n'ibyakoreshwa ibyo ari byo byose.

2° **"Umutungo w'uburobyi":** ikinyabuzima cyose kiba kandi gishobora kuvanwa mu mazi.

3° **"Igikingi cy'ubworozi bwo mu mazi n'uburobyi":** ahantu hafite imbibi zizwi hatangwa n'ubuyobozi bubifitiye ububasha kugira ngo hakorerwe ubworozi bwo mu mazi n'uburobyi.

4° **"Ubworozi bwo mu mazi":** uburyo bwo korora ibinyabuzima byo mu mazi.

**CHAPTER ONE: GENERAL PROVISIONS**

**Article One: Purpose of this Law**

This Law shall determine the organisation and management of aquaculture in Rwanda.

**Article 2: Definitions of terms**

For the purpose of this Law, the following terms are defined as follows:

1° **"Fishing":** any activities aiming at capturing any living organisms or plant species contained in free waters, whatever the means and instruments used.

2° **"Fish resource":** any living organism that is found and which may be taken out of water.

3° **"Fishing concession":** an area with recognised territories which is granted by a competent authority for exclusive use in aquaculture and fishing.

4° **"Aquaculture":** rearing living organisms in waters.

**CHAPITRE PREMIER: DISPOSITIONS GENERALES**

**Article premier: Objet de la loi**

La présente loi porte organisation de l'aquaculture et de la pêche au Rwanda.

**Article 2: Définitions des termes**

Au sens de la présente loi, les termes suivants sont définis comme suit :

1° **«Pêche»:** les actes tendant à la capture des ressources halieutiques contenues dans les eaux libres, quels que soient la technique et les moyens utilisés.

2° **«Ressource halieutique»:** tout organisme vivant pouvant être retiré de l'eau.

3° **«Concession d'aquaculture et de pêche»:** périmètre aquatique ayant des limites précises, attribué par l'autorité compétente aux fins d'y exercer l'activité d'aquaculture et de pêche.

4° **«Aquaculture»:** technique d'élever des espèces aquatiques vivantes dans les eaux non libres.

5° **“Amazi rusange”:** amazi atari mu masambu y’abantu ku giti cyabo cyangwa atari mu gikingi Leta yeguriye umuntu. Amazi y’imigezi, n’iyo iyo migezi yaba inyura mu masambu y’abantu cyangwa mu bikingi Leta yeguriye abantu, afatwa nk’amazi rusange.

6° **“Umukozi ushinzwe ubworozi bwo mu mazi n’uburobyi”:** umukozi ufite mu nshingano ze uburobyi n’ubworozi bwo mu mazi ushyirwaho na RARDA.

7° **“Uburobyi bw’imikino”:** uburobyi bugamije kwidagadura.

8° **“Uburobyi bw’umwuga”:** uburobyi bukorwa hagamijwe inyungu kandi hagurishwa ibyarobwe.

9° **“Uburobyi bw’ubushakashatsi”:** uburobyi bukorwa hagamijwe kumenya ingano cyangwa imiterere y’umutungo n’uw’ubworozi bwo mu mazi n’uburobyi.

10° **“RARDA”:** Ikigo cy’Igihugu gishizwe guteza imbere ibikomoka ku matungo mu Rwanda.

**Ingingo ya 3: Ibirebwa n’iri tegeko**

Iri tegeko rigena imikorerere y’ubworozi bwo mu mazi n’uburobyi mu Gihugu

5° **“Public waters”:** waters that are not in individuals’ private land or not in a concession granted to an individual by the State. River waters, even if such rivers pass through the private property of a concession granted to individuals by the State, shall be considered as free waters.

6° **“An officer in charge of aquaculture and fisheries”:** an employee in charge of fisheries and aquaculture who is appointed by RARDA.

7° **“Sport fishing”:** fishing meant for recreation.

8° **“Fish resource”:** living organism that is found and which may be taken from water.

9° **“Research fishing”:** research meant for establishing the quantity or nature of aquaculture resource and fishing.

**10°** **“RARDA”:** Rwanda Animal Resource Development Authority.

**Article 3: Scope of this Law**

This Law shall establish the functioning of aquaculture and fisheries in the following country’s

5° **«Eaux libres»:** eaux qui ne sont pas dans des propriétés privées ni dans des concessions accordées à une personne physique ou morale par l’Etat. Les eaux des rivières, y compris celles qui passent à travers les propriétés privées ou les concessions accordées aux personnes physiques ou morales par l’Etat, sont considérées comme des eaux libres.

6° **«Agent de l’aquaculture et de la pêche» :** agent nommé par RARDA et qui a l’aquaculture et la pêche dans ses attributions.

7° **«Pêche sportive»:** pêche exercée à des fins de loisir.

8° **«Pêche professionnelle»:** la pêche exercée à des fins lucratives.

9° **« Pêche scientifique»:** pêche ayant pour objectif l’étude et la connaissance des ressources aquacoles et halieutiques.

10° **«RARDA»:** Office rwandais de développement des ressources animales.

**Article 3: Champ d’application de la présente loi**

La présente loi détermine l’exercice de l’aquaculture et de la pêche dans les eaux nationales suivantes:

ahakurikira:

1° ibyuzi by'ubworozi bwo mu mazi byubatswe byashyizweho mu buryo bwemewe kandi bifite ibikoresho bya ngombwa bihoraho bibuza ibinyabuzima byororewemo gutambagira hagati y'amazi yabyo abigenewe n'amazi rusange;

2° amazi y'ibidendezi kamere, ay'imigende n'ay'ingomero biri mu masambu y'abantu ku giti cyabo ku buryo ibinyabuzima biba mu mazi rusange bidashobora gucengeramo ku buryo busanzwe;

3° amazi rusange ;

4° amazi yo mu bikingi.

Ubworozi bwo mu mazi cyangwa uburobyi bivugwa muri iri tegeko bishobora gukorwa n'umuntu ku giti cye, ishyirahamwe, koperative cyangwa isosiyeti.

**Ingingo ya 4: Uburenganzira bwo kuroba**

Mu mazi rusange, uburenganzira bwo kuroba butangwa n'ubuyobozi bwa RARDA.

**Ingingo ya 5: Ubwoko bw'uburobyi**

Ubwoko bw'uburobyi bugenwa n'iri tegeko ni ubu bukurikira:

water:

1° artificial fish ponds meant for aquaculture legally established with necessary and permanent equipment which prevent the living organisms from moving in their appropriate waters and in the public waters;

2° waters from natural ponds, canals and dams in private land such that living organisms in public waters cannot penetrate in a normal way;

3° public waters;

4° concession waters.

Aquaculture or fishing referred to in this Law may be carried out by an individual, an association, a cooperative or a company.

**Article 4: The right to fish**

In public waters, the right to fish shall be granted by RARDA authorities.

**Article 5: Types of fishing**

Types of fishing specified in this Law are as follows:

1° les établissements d'aquaculture régulièrement installés et équipés de dispositifs permanents empêchant la circulation des espèces vivantes de l'aquaculture entre ces exploitations et les eaux libres avec lesquelles elles communiquent;

2° les eaux d'étangs, canaux et fossés existants ou creusés dans les propriétés privées dans lesquelles les espèces vivantes qui vivent en eaux libres ne peuvent pénétrer naturellement ;

3° les eaux libres;

4° l'eau des concessions.

L'aquaculture et la pêche régies par les dispositions de la présente loi peuvent être exercées par toute personne physique, association, coopérative ou entreprise.

**Article 4: Droit à la pêche**

Dans les eaux libres, le droit de pêche est accordé par RARDA.

**Article 5 : Type de pêche**

Les types de pêche régis par la présente loi sont les suivants:

1° uburobyi bw'umwidagaduro ;
2° uburobyi bw'umwuga ;
3° uburobyi bw'ubushakashatsi.

**Ingingo ya 6: Uburobyi bw'umwuga**

Uburobyi bw'umwuga bwemerewe abenegihugu n'abanyamahanga batuye mu Rwanda. Ubuyobozi bwa RARDA bushobora kwemerera kuroba abanyamahanga badatuye mu Rwanda iyo:

1° bafite uburenganzira bwo kuroba bakomora ku masezerano mpuzamahanga akurikizwa hagati y'u Rwanda n'ibihugu bakomokamo;

2° bifuza gukora uburobyi bufitiye igihugu inyungu zihariye.

**UMUTWE WA II: IMICUNGIRE N'ITERAMBERE RY'IBIKORWA BY'UBWOROZI BWO MU MAZI N'UBUROBYI**

**Ingingo ya 7: Imitunganyirize n'imicungire y'umutungo w'ubworozi bwo mu mazi n'uburobyi**

Mu rwego rwo gushyira mu bikorwa ibiteganyijwe n'iri tegeko, ubuyobozi bwa RARDA bukora ibi bukurikira:

1° bugena gahunda y'Igihugu y'imitunganyirize n'imicungire y'umutungo w'ubworozi bwo mu

1° sports fishing ;
2° professional fishing;
3° scientific fishing.

**Article 6: Professional fishing**

Professional fishing is hereby permitted for nationals and foreigners who reside in Rwanda. RARDA authorities may grant the right to fish to foreigners who do not reside in Rwanda if:

1° they possess the right to fish based on the international conventions ratified by Rwanda and other respective countries;

2° they desire to practice fishing which have special interest to the nation.

**CHAPTER II: MANAGEMENT AND DEVELOPMENT OF AQUACULTURE ACTIVITIES AND FISHERIES**

**Article 7: Organisation and management of aquaculture resources and fisheries**

In the framework of implementing the provisions of this Law, RARDA authorities shall effect the following:

1° determining the national program of organisation and management of aquatic resources and fisheries ;

1° la pêche sportive ;
2° la pêche professionnelle ;
3° la pêche scientifique.

**Article 6: Pêche professionnelle**

La pêche professionnelle est autorisée aux nationaux et aux étrangers résidents. Le RARDA peut autoriser aux étrangers non résidents d'exercer la pêche si elles remplissent les conditions suivantes:

1° si elles bénéficient d'un droit d'accès à la pêche en vertu d'un accord international en vigueur conclu entre le Rwanda et l'Etat dont elles sont ressortissantes;

2° si l'activité de pêche qu'elles veulent exercer a un intérêt particulier pour le Rwanda.

**CHAPITRE II: GESTION ET DEVELOPPEMENT DES ACTIVITES DE L'AQUACULTURE ET DE LA PECHE**

**Article 7: Organisation et gestion des ressources aquacoles et halieutiques**

Dans le cadre de la mise en exécution de la présente loi, RARDA:

1° définit le programme national en matière d'organisation et de gestion des ressources aquacoles et halieutiques ;

mazi n'uburobyi;

2° bubarura kandi bukanagenzura buri gihe ahakorerwa imirimo y'ubworozi bwo mu mazi n'ubworozi, ahatunganyirizwa ibikomoka ku bworozi bwo mu mazi n'uburobyi, abarobyi, ibikoresho bikoreshwa mu burobyi ndetse n'umusaruro;

3° bushyiraho amabwiriza ku bireba ibikorwa by'ubworozi bwo mu mazi n'uburobyi mu mazi yose y'u Rwanda;

4° bugena ibihe n'amasaha uburobyi bubujijwe mu mazi yose cyangwa ku bwoko bumwe bw'ibinyabuzima biba mu mazi mu gihe gito cyangwa ku buryo buhoraho, kimwe n'ibice by'amazi cyangwa ibihe uburyo ubu n'ubu bwo kuroba butemewe;

5° bugena ingero z'ibikoresho by'uburobyi ku buryo iyo ugiye munsi yazo, ibinyabuzima biba mu mazi byo mu bwoko ubu n'ubu byafashwe bigomba guhita bisubizwa mu mazi;

6° bugena ibiranga amato y'uburobyi, ibikoresho by'uburobyi byemewe gukoreshwa, ingano y'imyenge y'ibikoresho by'uburobyi yemewe n'uburyo bwo gupima iyo myenge;

2° identifying and regularly monitoring places where aquaculture and fishing takes place, where processing of aquaculture and fishing products takes place, fishermen, fishing equipment as well as production ;

3° instituting instructions on matters relating to aquaculture and fishing in all waters of Rwanda ;

4° determining the periods and time in which fishing in all waters is prohibited or regarding one type of water organism in a small period of time or on a permanent basis, as well as parts of waters or certain periods in which fishing is not permitted;

5° determining fishing equipment models such that if you are below the set standards, certain water organisms caught are immediately returned to water;

6° determining features of fishing boats, fishing equipment permitted to be used, size of holes of the fishing equipment permitted and the way of setting the holes;

2° inventorie et contrôle régulièrement les établissements d'aquaculture et de pêche, de transformation des produits aquacoles et halieutiques, les pêcheurs, le matériel de pêche ainsi que la production ;

3° édicte les instructions relatives à l'aquaculture et à la pêche dans toutes les eaux du pays ;

4° fixe les périodes et les heures pendant lesquelles la pêche est interdite dans toutes les eaux ou pour certaines espèces aquatiques, à titre temporel ou de manière permanente ainsi que dans les zones aquatiques pendant lesquelles certaines techniques de pêche sont interdites ;

5° fixe les dimensions minimales du matériel de pêche en dessous desquelles les espèces capturées doivent être immédiatement remis dans l'eau;

6° détermine les caractéristiques des embarcations et le matériel de pêche dont l'usage est autorisé, les dimensions minimales des mailles de filets et la façon de les mesurer ;

7° bugena imiti, imitego, n'ibikoresho by'uburobyi bitemewe gukoreshwa n'uburyo bwo kuroba bubujijwe;

8° bugena ingano y'ibinyabuzima byemewe kurobwa ku moko aya n'aya n'uburyo birobwamo;

9° bugena umubare w'abarobyi ku kiyaga cyangwa ikidendezi, igabanywamo ry'ibiyaga cyangwa iry'ibidendezi uturere tw'uburobyi, umubare w'abarobyi kuri buri karere n'imyaro ibinyabuzima byo mu mazi yarobwe byomokeraho.

**__Ingingo ya 8:__ Itumizwa ry'ibikoresho by'ubworozi bwo mu mazi n'uburobyi**

Impushya zo gutumiza mu mahanga ibikoresho by'ubworozi bwo mu mazi n'uburobyi zisabwa ubuyobozi bwa RARDA.

Iteka rya Minisitiri ufite ubworozi bwo mu mazi n'uburobyi mu nshingano ze rigena uburyo itumizwa, icuruzwa n'ikwirakwizwa ry'ibikoresho by'uburobyi n'umusaruro w'ubworozi bwo mu mazi n'uburobyi bikorwa.

**__Ingingo ya 9:__ Amazi u Rwanda ruhuriyeho n'ibindi bihugu**

Ku birebana n'amazi u Rwanda ruhuriyeho n'ibindi bihugu, ubworozi bwo mu mazi

7° determining products, fishing nets and fishing equipment that are not permitted to be used and modes of fishing that are not authorised;

8° determining the quantity of organisms authorised to be caught on certain types and the mode of fishing;

9° determining the number of fishermen at a lake or a pond, partitioning of fishing lakes or ponds, number of fishermen in every region and landing sites.

**__Article 8:__ Importation of aquaculture gears and fishing equipment**

The licences for importing aquaculture gears and fishing equipment are applied for from RARDA authorities.

An Order of the Minister in charge of aquaculture and fisheries shall determine the mode of importation, sale and distribution of fishing equipment and the aquaculture and fishing production.

**__Article 9__: Waters shared with other countries**

Concerning water bodies shared between Rwanda and other countries, aquaculture and fishing shall be

7° fixe les substances, filets, engins et le matériel de pêche dont l'usage est interdit et les procédés de pêche prohibés;

8° fixe le volume des captures autorisées pour certaines espèces et les conditions de capture ;

9° fixe le nombre de pêcheurs par plan d'eau, la subdivision des plans d'eau en zones de pêche et le nombre de pêcheurs par zone ainsi que les points de débarquement des captures.

**__Article 8:__ Importation des engins et du matériel d'aquaculture et de pêche**

Les autorisations d'importation des engins et du matériel de pêche et d'aquaculture sont demandées à RARDA.

Un arrêté du Ministre ayant l'aquaculture et la pêche dans ses attributions détermine les modalités d'importation, de commercialisation et de distribution du matériel de pêche et de la production aquacole et halieutique.

**__Article 9__: Les eaux partagées avec d'autres pays**

Concernant les plans d'eaux partagés entre le Rwanda et d'autres pays, le développement aquacole et

n'uburobyi bushingira ku masezerano mpuzamahanga y'imitunganyirize n'imicungire mu by'ubworozi bwo mu mazi n'uburobyi.

**Ingingo ya 10: Igenwa ry'uturere tw'ubworozi bwo mu mazi n'utw'uburobyi**

Hagenwa uturere tw'ubworozi bwo mu mazi n'uburobyi mu Gihugu. Imbibi n'umubare by'utwo turere bishyirwaho n'iteka rya Minisitiri ufite ubworozi bwo mu mazi n'uburobyi mu nshingano ze.

**UMUTWE WA III: AMABWIRIZA RUSANGE YO KWITA KU MUTUNGO W'UBWOROZI BWO MU MAZI N'UBUROBYI**

**Ingingo ya 11: Ibibujijwe mu burobyi**

Ibi bikurikira, birabujijwe mu burobyi:

1° gukoresha ibintu bihumanya bigamije kuyobya ubwenge amafi, kuyananiza cyangwa kuyica;
2° gukoresha ibintu biturika;
3° gukoresha uburyo bwa rukuruzi cyangwa amashanyarazi;
4° gukubita amazi ugamije guhinda amafi;
5° kuroba aho ibinyabuzima byo mu mazi byororokera.

based on the international conventions relating to the organisation and management of fisheries and aquaculture.

**Article 10: Determination of aquaculture and fishing regions**

There shall be established aquaculture and fishing regions. The number and boundaries of regions shall be established by an Order of the Minister in charge of aquaculture and fishing.

**CHAPTER III: GENERAL REGULATIONS IN MANAGEMENT OF AQUACULTURE AND FISHING**

**Article 11: Restrictions in fishing**

The following are prohibited in fishing:

1° using poisonous substances aimed at stunning, weakening or killing fish;
2° applying explosives;
3° using electromagnetic procedures or electrocution;
4° flashing water with an aim of capturing fish;
5° fishing where water organisms are reproduced.

halieutique se conforme aux accords internationaux et de coopération en matière halieutique et aquacole.

**Article 10: Zones d'aquaculture et de pêche**

Il est créé des zones halieutiques et aquacoles au niveau national. Le nombre et la délimitation géographique de ces zones sont fixés par le Ministre ayant l'aquaculture et la pêche dans ses attributions.

**CHAPITRE III: REGLEMENTATION GENERALE ET MESURES DE CONSERVATION DES RESSOURCES AQUACOLES ET HALIEUTIQUES**

**Article 11: Méthodes de pêche prohibées**

Lors de l'exercice de la pêche il est interdit de:

1° utiliser des substances toxiques destinées à étourdir, affaiblir ou tuer le poisson ;
2° se servir des explosifs;
3° faire usage de procédés électromagnétiques ou d'électrocution ;
4° faire la pêche à la frappe ;
5° pêcher dans les zones de reproduction des espèces aquatiques.

Ubuyobozi bwa RARDA bugaragaza mu mazi rusange imbago z'ahabujijwe havugwa mu gace ka 5° k'iyi ngingo.

**Ingingo ya 12: Gutera ibinyabuzima mu mazi y'u Rwanda**

Gutera ibinyabuzima mu mazi, kubyongera no gushyira utwana twabyo mu mazi y'u Rwanda bisabirwa uruhushya RARDA.

Gutumiza mu mahanga ibinyabuzima ibyo ari byo byose bizanwa mu mazi y'u Rwanda bisabirwa uruhushya ubuyobozi bwa RARDA.

**Ingingo ya 13: Gukora ubworozi bwo mu mazi**

Gukora ubworozi bwo mu mazi rusange, utabifitiye uruhushya rutangwa na RARDA cyangwa amasezerano y'ubukode bw'igikingi, ntibyemewe.

**Ingingo ya 14: Impamvu yo kudahabwa ubukode bw'igikingi**

Kutemererwa ubukode bw'igikingi cy'ubworozi bwo mu mazi bishobora guturuka ku mpamvu z'inyungu rusange zikurikira:

1° igihe byatera imbogamizi ku myororokere y'ibinyabuzima byo mu mazi rusange agira aho ahurira n'ubwo bworozi ;

RARDA authorities shall indicate boundaries of prohibited places in the public waters referred to in sub paragraph 5° of this Article.

**Article 12: Introduction of aquatic species in Rwandan waters**

Introduction of organisms in waters, increasing them and introducing their pupae in Rwandan waters shall be applied for from RARDA.

Importation of any organisms through Rwandan waters shall be applied for from RARDA authorities.

**Article 13: Aquaculture practice**

No one shall practice aquaculture in public waters without an authorisation granted by RARDA or concession contract.

**Article 14: Grounds for the refusal of an aquaculture concession**

Refusal of concession for aquaculture may arise from the following grounds on the basis of public interest:

1° in case it may cause obstacles to reproduction of public water organisms which have a relationship with such reproduction;

Le RARDA détermine, dans les eaux libres, les limites des zones où la pêche est interdite telles que définies dans le point 5° du présent article.

**Article 12: Introduction des espèces aquatiques dans les eaux du Rwanda**

L'instruction, la réintroduction des espèces aquatiques ou de leurs semences dans les eaux du Rwanda sont soumises à une autorisation préalable du RARDA.

Toute importation d'espèce aquatique à introduire dans les eaux du Rwanda est soumise à l'autorisation préalable du RARDA.

**Article 13 : Exercice de l'aquaculture**

Nul ne peut pratiquer l'aquaculture si ce n'est en vertu d'une autorisation ou d'un contrat de location de concession.

**Article 14: Refus d'octroi du titre de location d'une concession d'aquaculture**

Le refus d'octroi du titre de location d'une concession d'aquaculture peut découler des raisons d'utilité générale suivantes:

1° si un inconvénient paraît devoir en résulter pour la reproduction des espèces aquatiques des eaux libres avec lesquelles cette aquaculture communiquerait ;

2° igihe byagira ingaruka zabuza ibinyabuzima kuzenguruka mu mazi ;

3° igihe byatuma amazi aba make cyangwa bikaba byatuma ubwiza bw'amazi bwangirika.

**<u>Ingingo ya 15:</u> Kurinda ibinyabuzima byo mu mazi**

Ubworozi bwo mu mazi bugomba kugira ibikoresho bituma ibyororerwamo bitinjira mu mazi rusange.

Iteka rya Minisitiri ufite ibidukikije mu nshingano ze, riteganya uburyo bwo kurinda amazi rusange guhumana.

**<u>UMUTWE WA IV:</u> IMPUSHYA Z'UBUROBYI**

**<u>Ingingo ya 16:</u> Itangwa ry'impushya z'uburobyi**

Ubuyobozi bwa RARDA, bushingiye kuri raporo y'Umuyobozi w'Akarere uburobyi bukorerwamo, butanga impushya z'uburobyi.

Nta wushobora gukora uburobyi mu mazi rusange, adafite uruhushya rw'uburobyi cyangwa atareguriwe igikingi cy'uburobyi.

Iteka rya Minisitiri ufite ubworozi bwo mu mazi n'uburobyi mu nshingano ze, rigena

2° in case it may cause effects on the free movement of the organisms in water;

3° in case it may lead to reduction in volume of water or may bring about alteration of the water quality.

**<u>Article 15:</u> Protection of aquatic organisms**

Aquaculture shall be equipped with necessary facilities to enable the organisms not to enter in the public waters.

An Order of the Minister in charge of environment shall determine the modalities for protecting public waters from intoxication.

**<u>CHAPTER IV:</u> FISHING LICENCES**

**<u>Article 16:</u> Fishing licence obligations**

RARDA authorities, based on the report of the Mayor of the District in which fishing is conducted, shall issue fishing licences.

No person shall carry out any fishing activities in public waters without a fishing licence or fishing concession licence authorisation.

An Order of the Minister in charge of aquaculture and fishing shall determine requirements for

2° lorsque cette aquaculture aurait pour conséquence l'interruption de la libre circulation des espèces aquatiques dans les cours d'eau ;

3° lorsque cela peut provoquer une réduction du niveau ou une altération de l'eau compromettant sa qualité.

**<u>Article 15:</u> Protection de la biodiversité aquatique**

Tout établissement d'aquaculture doit posséder un dispositif permettant de couper toute communication entre ses propres eaux et les eaux libres.

Un arrêté du Ministre ayant l'environnement dans ses attributions détermine les modalités de protection des eaux libres contre l'intoxication.

**<u>CHAPITRE IV:</u> LICENCES DE PECHE**

**<u>Article 16:</u> Critères d'octroi des licences de pêche**

RARDA, sur base du rapport du Maire du District dans lequel la pêche est pratiquée, octroie des licences de pêche.

Nul ne peut se livrer à la pêche dans les eaux libres sans être titulaire d'une licence de pêche ou d'une concession de pêche.

Un arrêté du Ministre ayant l'aquaculture et la pêche dans ses attributions définit les critères d'octroi des

ibishingirwaho mu gutanga uruhushya rw'uburobyi n'igihe rumara.

**Ingingo ya 17: Uruhushya rwo kuroba hagamijwe ubushakashatsi**

Usaba uruhushya rwo kuroba hagamijwe ubushakashatsi agomba kugaragaza gahunda y'ubushakashatsi bwe, kandi yujuje ibisabwa n'Iteka rya Minisitiri ufite ubworozi bwo mu mazi n'uburobyi mu nshingano ze rivugwa mu ngingo ya 16 y'iri tegeko.

Uruhushya rutangwa rugomba kuba rurimo ibisabwa byose kimwe n'imbibi z'ubuso buzakorerwamo ubushakashatsi.

**Ingingo ya 18: Amasezerano y'ubukode bw'igikingi**

Umuntu wese ukora ubworozi n'uburobyi byo mu mazi rusange agomba kugira amasezerano y'ubukode bw'igikingi.

Ayo masezerano y'ubukode bw'igikingi cy'ubworozi bwo mu mazi cyangwa igikingi cy'uburobyi akorwa hagati y'usaba igikingi na Minisitiri ufite imicungire y'amazi mu nshingano ze ashingiye kuri raporo y'Ubuyobozi bwa RARDA.

Ayo masezerano y'ubukode bw'igikingi cy'uburobyi cyangwa igikingi cy'ubworozi bwo mu mazi ntashobora kurenza igihe cy'imyaka mirongo itatu (30).

issuance of aquatic and fishing licence.

**Article 17: License for fishing with an aim to carry out scientific research**

Any person applying for a fishing licence for his/her scientific research program shall fulfil the requirements contained in the Order of the minister in charge of aquaculture and fishing as stipulated in Article 16 of this Law.

The license granted shall contain all the conditions as well as the boundaries in which the research shall be conducted.

**Article 18: Fishing concession contract**

Any person who carries out aquaculture and fishing shall have a fishing concession contract.

The aquaculture concession contract or fishing concession shall be concluded between the applicant for the concession and the Minister in charge of water on the basis of the report of RARDA authorities.

The contract of aquaculture concession or fishing concession shall not exceed a period of thirty (30) years.

licences de pêche ainsi que la durée de validité desdites licences.

**Article 17: Octroi d'une licence de pêche ayant pour objet la recherche scientifique**

Le requérant d'une licence de pêche ayant pour objet la recherche scientifique doit présenter le programme de sa recherche et satisfaire aux critères d'octroi de licences de pêche tels que définis par l'arrêté du Ministre ayant l'aquaculture et la pêche dans ses attributions visé à l'article 16 de la présente loi.

La licence octroyée doit comporter les conditions exigées et limitations du périmètre dans lequel la recherche doit se faire.

**Article 18: Contrat de location de concession**

Toute personne qui pratique l'aquaculture et la pêche dans des eaux libres est tenue de demander de conclure un contrat de concession.

Ce contrat de location de concession d'aquaculture ou de pêche est conclu entre le requérant de la concession et le Ministre ayant la gestion des eaux dans ses attributions sur base du rapport du RARDA.

Ce contrat de location de concession d'aquaculture ou de pêche ne peut excéder une durée de trente (30) ans.

Imiterere n'ibikubiye mu masezerano y'igikingi cy'ubworozi bwo mu mazi n'uburobyi bigenwa n'iteka rya Minisitiri ufite imicungire y'amazi mu nshingano ze.

**<u>Ingingo ya 19:</u> Guhabwa ubukode bw'igikingi cy'ubworozi bwo mu mazi n'uburobyi**

Ubukode bw'igikingi cy'ubworozi bwo mu mazi n'uburobyi buhabwa uwabusabye mu buryo bwanditse, yaba umuntu ku giti cye, koperative cyangwa isosiyeti.

**<u>Ingingo ya 20:</u> Gusaba ubukode bw'igikingi cy'ubworozi bwo mu mazi n'uburobyi**

Usaba igikingi agomba kugaragaza imiterere y'umushinga yifuza gukora, ubushobozi mu bukungu n'ubumenyi ku byerekeranye n'ubworozi bwo mu mazi n'uburobyi.

Inyandiko isaba igikingi cy'uburobyi n'ubworozi bwo mu mazi yandikirwa RARDA, inyujijwe ku Muyobozi w'Akarere igikingi gisabwa giherereyemo.

**<u>Ingingo ya 21:</u> Ihindurwa cyangwa iseswa ry'amasezerano y'ubukode bw'igikingi cy'ubworozi bwo mu mazi cyangwa cy'uburobyi**

Amasezerano y'ubukode bw'igikingi cy'ubworozi bwo mu mazi n'uburobyi ashobora guhindurwa cyangwa guseswa

The structure and contents of the aquaculture and fishing concession contract shall be determined by an Order of the Minister in charge of water management.

**<u>Article 19:</u> Acquisition of aquaculture and fishing concession contract**

Aquaculture and fishing concession shall be granted in writing to any applicant as an individual, a cooperative or an association

**<u>Article 20:</u> Application for aquatic and fishing concession**

The applicant for aquaculture or fishing concession shall indicate the nature of the intended project, economic and intellectual capacity in matters relating to aquaculture and fishing.

The application letter for aquaculture and fishing concession shall be addressed to RARDA, through the Mayor of the District where the concession is located.

**<u>Article 21:</u> Modification or cancellation of the fishing or aquaculture concession contract**

The aquaculture and fishing concession may be modified or cancelled because of the following reasons:

La forme et le contenu du contrat de location de concession d'aquaculture et de pêche sont déterminés par l'arrêté du Ministre ayant la gestion des eaux dans ses attributions.

**<u>Article 19:</u> Acquisition du contrat de location de concession d'aquaculture et de pêche**

Le contrat de location de concession d'aquaculture et de pêche est accordé par écrit à tout requérant, qu'il soit une personne physique ou morale, une coopérative ou une société.

**<u>Article 20:</u> Demande de contrat de location de concession d'aquaculture et de pêche**

Le demandeur du contrat de location de concession d'aquaculture et de pêche doit présenter son projet en rapport avec sa demande, prouver ses capacités financières et intellectuelles en matières d'aquaculture et de pêche.

La demande de contrat de location de concession d'aquaculture et de pêche est adressée à RARDA sous-couvert du Maire du district où se situe la concession.

**<u>Article 21:</u> Modification ou résiliation du contrat de location d'une concession d'aquaculture et de pêche**

Le contrat de location de concession d'aquaculture et de pêche peut être modifié ou résilié pour des raisons suivantes :

kubera impamvu zikurikira:

1° iyo urwego rwatanze ubukode n'uwabuhawe babyemeranyijweho ;

2° impamvu y'inyungu rusange ifitiye Igihugu akamaro ;

3° kutubahiriza kimwe mu byangombwa bisabwa bikubiye mu masezerano nyuma yo kwihanangirizwa, nk'uko biteganywa n'iteka rya Minisitiri ufite ubworozi bwo mu mazi mu nshingano ze ;

4° kudatangira imirimo mu gihe cy'umwaka umwe uhereye igihe amasezerano yasinyiwe cyangwa guhagarika imirimo mu gihe kirengeje amezi atandatu (6) uwahawe igikingi atagaragaza impamvu zumvikana;

5° kutubahiriza ibisabwa bikubiye muri iri tegeko;

6° kuba imirimo ikorwa ibangamira ibidukikije.

Iyo amasezerano ahagaritswe cyangwa ahinduwe kubera impamvu z'inyungu rusange, uwahawe igikingi ashobora gusaba ikindi gikingi ahandi. Iyo bidashobotse, ahabwa indishyi ikwiye.

1° if there is consent between the contracting parties;

2° reasons of public interests;

3° non-fulfilment of one of the conditions provided for in the contract after a formal notice as provided for by an Order of the Minister in charge of aquaculture;

4° non-valorisation of the concession within one year following the signing of the contract or the interruption of the exploitation during a period of more than six (6) months for a reason other than absolute necessity;

5° non compliance with requirements of this Law;

6° non-compliance with the provisions relating to environment.

Where the concession has been cancelled or modified following public interests, the concessionaire may apply for another concession elsewhere. In the case where this is impossible, the concessionaire shall be entitled to an appropriate compensation.

1° lorsqu'il y a accord entre l'autorité concédant et le concessionnaire ;

2° pour causes d'intérêt général;

3° lorsqu'il y a inexécution, après mise en demeure, d'une des conditions que le contrat comporte tel que prévu par l'arrêté du Ministre ayant l'aquaculture et la pêche dans ses attributions ;

4° lorsqu'il ya défaut de mise en valeur de la concession dans un délai d'un an à compter de la signature du contrat ou interruption de l'exploitation pendant une durée supérieure à six mois (6), sans que le concessionnaire ait évoqué des raisons valables;

5° lorsqu'il y a violation des dispositions de la présente loi;

6° lorsque les activités exercées nuisent à l'environnement.

Dans le cas où le contrat de location de concession est résilié ou modifié pour des raisons d'intérêt général, le concessionnaire peut requérir l'octroi d'une autre concession dans un autre endroit. En cas d'impossibilité, le concessionnaire reçoit une juste indemnité.

Igihindutse cyose mu masezerano y'ubukode bw'igikingi kigomba kwandikwa mu masezerano mu buryo bw'inyandiko ihindura bimwe mu byari biyabukiyemo.

Any modification to the concession contract shall be written in the contract under the form of amendment thereto.

Toute modification du contrat de location de la concession doit être inscrite dans le contrat sous la forme d'un avenant au contrat.

## UMUTWE WA V: IMIKORESHEREZE Y'UMUTUNGO W'AMAZI ISHOBORA KUGIRA INGARUKA MBI KU MUTUNGO UKOMOKA KU BUROBYI

## CHAPTER V: USE OF WATER RESOURCES WHICH ARE LIKELY TO AFFECT AQUACULTURE AND FISHERIES

## CHAPITRE V: UTILISATION DES RESSOURCES HYDRAULIQUES SUSCEPTIBLES D'AFFECTER L'AQUACULTURE ET LA PECHE

### Ingingo ya 22: Ikoreshwa ry'amafumbire mu bworozi bwo mu mazi

Gukoresha amafumbire nyongeramusaruro mu bworozi bwo mu mazi bigomba kubahiriza amategeko yerekeranye n'imicungire myiza y'ibidukikije.

### Article 22: Use of fertilisers in aquaculture

The use of fertilisers in aquaculture shall abide by the Laws and regulations relating to good management of the environment.

### Article 22: Emploi des fertilisants en aquaculture

L'utilisation des fertilisants doit respecter les législations et réglementations de la bonne gestion de l'environnement.

## UMUTWE WA VI: ISUKU N'UBUZIRANENGE BW'UMUSARURO W'IBIKOMOKA KU BUROBYI NO KU BWOROZI BWO MU MAZI

## CHAPTER VI : HYGIENE AND QUALITY OF AQUACULTURE AND FISHERY PRODUCTS

## CHAPITRE VI: HYGIENE ET QUALITE DES PRODUITS HALIEUTIQUES

### Ingingo ya 23: Igenzura ry'isuku y'ibikomoka ku burobyi no ku bworozi bwo mu mazi

Ubuyobozi bwa RARDA bugenzura isuku y'ibikomoka mu bworozi bwo mu mazi no mu burobyi ku butaka bwose bw'u Rwanda.

### Article 23: Hygiene Control of aquaculture and fishery products

RARDA authorities shall control the hygiene of aquaculture and fishery products on the entire Rwandan territory.

### Article 23: Contrôle sanitaire des produits de l'aquaculture et de la pêche

Le RARDA fait le contrôle sanitaire des produits halieutiques et aquacoles sur tout le territoire du Rwanda.

**Ingingo ya 24: Ishyirwaho ry'inganda n'ahantu hatunganyirizwa umusaruro**

Ishyirwaho ry'inganda n'iry'ahatunganyirizwa umusaruro w'ibikomoka ku bworozi bwo mu mazi no ku burobyi rigomba uruhushya rwa Minisitiri ufite inganda mu nshingano ze.

**UMUTWE WA VII: KUGENZA IBYAHA**

**Ingingo ya 25: Kugenza ibyaha**

Mu rwego rwo kugenza ibyaha bivugwa muri iri tegeko, abakozi bashinzwe kugenza ibyaha byo mu bworozi bwo mu mazi no mu burobyi ni aba bakurikira:

1° abagenzacyaha bafite ububasha busesuye mu by'ubugenzacyaha;

2° abakozi ba RARDA bashinzwe ubworozi bwo mu mazi n'uburobyi babiherewe uburenganzira na Minisitiri ufite ubutabera mu nshingano ze.

**Ingingo ya 26: Ububasha bw'abagenzacyaha mu bworozi bwo mu mazi no mu burobyi**

Bitabangamiye ibyo andi mategeko ateganya, abakozi bashinzwe kugenza ibyaha byo mu bworozi bwo mu mazi no mu burobyi bafite ububasha bukurikira:

1° guhagarika ubwato ubwo ari bwo

**Article 24: Establishment of fish processing factories**

Establishment of aquaculture and fishing processing factories shall be subject to prior authorisation by the Minister in charge of Industry.

**CHAPTER VII: INVESTIGATIONS**

**Article 25: Criminal investigations**

In conformity with conducting criminal investigations mentioned in this Law, the personnel responsible for criminal investigations in aquaculture and fishing industry are:

1° judicial police officers with general competence;

2° RARDA employees in charge of aquaculture and fishing authorised by the Minister in charge of Justice.

**Article 26: Powers of the judicial Police in the aquaculture and fishing industry**

Without prejudice to provisions of other Laws, the employees in charge of criminal investigations in aquaculture and fisheries shall have the following powers:

1° to impound any vessel, vehicle and any

**Article 24: Création des industries et unités de traitement des produits d'aquaculture et de pêche**

La création des industries et des unités de traitement des produits halieutiques et aquacoles est soumise à l'autorisation préalable du Ministre ayant l'industrie dans ses attributions.

**CHAPITRE VII: RECHERCHE DES INFRACTIONS**

**Article 25: Recherche des infractions**

Conformément aux dispositions de la présente loi, les agents chargés de la recherche des infractions sont les suivants:

1° les officiers de police judiciaire à compétence générale;

2° les agents du RARDA chargés de l'aquaculture et de la pêche autorisés par le Ministre ayant la Justice dans ses attributions.

**Article 26: Compétences des agents chargés de la recherche des infractions en aquaculture et dans la pêche**

Sans préjudice d'autres dispositions légales, les agents chargés de la recherche des infractions en aquaculture et dans la pêche ont les compétences suivantes:

1° ordonner à toute embarcation, à tout véhicule

bwose, ikinyabiziga icyo ari cyo cyose n'umuntu uwo ari we wese bitwaye ibinyabuzima byo mu mazi kugira ngo bigenzurwe;

2° kwinjira mu bwato bw'uburobyi, kubugenzura, kureba ibinyabuzima byarobwe n'ibikoresho birimo, gutegeka abarobyi butwaye kwerekana inyandiko za ngombwa basabwa muri iri tegeko;

3° gutegeka abantu barobera ku nkengero n'ahantu hakomye kwerekana inyandiko za ngombwa zibibahera uburenganzira no kugenzura ibinyabuzima byarobwe n'ibikoresho byakoreshejwe;

4° kugenzura imiterere y'ibikoresho by'uburobyi aho byinjirira, aho bicururizwa n'aho bikoresherezwa.

**Ingingo ya 27: Uko igenzura rikorwa**

Haseguriwe ibyo amategeko ateganya ukundi, iyo abakozi bashinzwe kugenza ibyaha bavugwa mu ngingo ya 24 y'iri tegeko, baketse ko icyaha cyakozwe, bashobora:

1° kwinjira mu cyumba icyo ari cyo cyose usibye mu nzu ituwemo no gusaka ubwato n'imodoka iyo ariyo yose kugira ngo babashe kugenzura ibikomoka ku burobyi n'ibikoresho by'uburobyi birimo,

person carrying water organisms in Order to be inspected;

2° to enter, inspect, control the catch and equipment therein, instruct the fishermen to present the necessary documents as required by this Law;

3° to require the fishermen who catch fish at the banks and at other strategic places to produce such administrative documents authorising them, inspect the catch and equipment used;

4° to inspect the nature of the fishing equipment at the entrance, at the selling points and where they are used.

**Article 27: Procedure for inspection**

Without prejudice to what the Law provides otherwise, in case the employees in charge of inspection referred to in Article 24 of this Law suspect that a crime has been committed, they may:

1° enter into any room except a residential house to inspect any vessel and any vehicle in Order to investigate fishery products and fishing equipment therein, to conduct any necessary searches requiring that sacks and any other containers be opened immediately,

et à toute personne transportant des espèces aquatiques de s'arrêter en vue d'être contrôlés;

2° se rendre à bord de l'embarcation, l'inspecter, contrôler les captures, l'équipement et le matériel qui s'y trouvent, ordonner aux pêcheurs à bord de produire tout document administratif qu'ils sont légalement tenus de disposer;

3° ordonner aux personnes effectuant la pêche aux rivages et dans les zones réservées de produire les documents administratifs les y autorisant l'accès et contrôler leurs captures et les engins utilisés;

4° contrôler l'état du matériel et engins de pêche au poste d'entrée, au comptoir de vente et au site d'usage.

**Article 27: Procédures de contrôle**

Sans préjudice d'autres dispositions légales en vigueur, les agents de contrôle visés en l'article 24 de la présente loi, s'ils ont des présomptions sérieuses de la commission de l'infraction, pourront:

1° pénétrer dans tout local autre qu'une maison d'habitation et perquisitionner toute embarcation et tout véhicule afin de vérifier les produits piscicoles et engins de pêche qui s'y trouvent, effectuer tous les contrôles qui s'imposent et notamment demander

gukora igenzura ryose rya ngombwa nko gusaba ko imifuka n'ibindi byose bishobora gushyirwamo ibintu bipfundurwa ako kanya, kugenzura inyandiko za ngombwa ny'ir'umutungo cyangwa uwukoresha asabwa n'iri tegeko;

2° gufata uduce duto tw'icyitegererezo two kureberaho ku bintu biri mu mato, mu modoka cyangwa mu mazu byagenzuwe bivugwa mu gace ka mbere k'iyi ngingo;

3° gufatira by'agateganyo ubwato, imodoka n'ibindi binyabiziga, ibikoresho by'uburobyi byakoreshejwe n'ikindi kintu cyose bakeka ko cyaba cyarakoreshejwe mu gukora icyo cyaha;

4° gufatira by'agateganyo ibinyabuzima byo mu mazi bakeka ko byarobwe cyangwa byabitswe mu buryo bunyuranyije n'ibiteganywa n'iri tegeko.

to search for necessary documents as the Law requires of the owner or the user of the property;

2° take sample areas to verify whether products in the vessels, vehicles or in houses inspected referred to in sub paragraph One of this Article;

3° temporarily impound any vessel, a vehicle and any other auto motor, fishing equipment used and any other material suspected to have been used in commission of the crime;

4° temporarily impound water organisms suspected to have been caught or kept in a manner contrary to provisions of this Law.

l'ouverture immédiate de tout sac et récipient, vérifier les documents administratifs que le propriétaire ou l'exploitant est tenu de produire;

2° recueillir des échantillons à partir des objets à bord des embarcations, des véhicules ou dans des locaux qui font l'objet d'inspection conformément aux dispositions du premier point du présent article;

3° saisir à titre de mesure conservatoire toute embarcation, tout véhicule, tout engin de pêche ou objet qu'ils soupçonnent avoir été utilisé pour commettre la dite infraction ;

4° saisir à titre de mesure conservatoire toutes les captures qu'ils soupçonnent avoir été réalisées illégalement ou qui sont conservés en infraction aux dispositions de la présente loi.

**<u>Ingingo ya 28:</u> Gufatira by'agateganyo ibikoresho byakoreshejwe mu cyaha**

Iyo habaye ifatira ry'agateganyo ry'ibintu, ibikoresho n'ibinyabuzima byo mu mazi byarobwe, abakozi bashinzwe kugenza ibyaha bakora inyandikomvugo igaragaza ku buryo burambuye ingano y'ibintu byafatiriwe n'ibibiranga, ibikoresho

**<u>Article 28:</u> Temporary seizure of equipments used in the commission of the crime**

In case of temporary seizure of property, equipment and water organisms caught, the employees in charge of criminal investigations shall prepare a detailed statement specifying the quantity of equipment seized and their features and water organisms caught.

**<u>Article 28:</u> Saisie à titre de mesure conservatoire du matériel utilisé lors de l'infraction**

En cas de saisie à titre de mesure conservatoire des biens, objets et captures, les agents chargés de rechercher des infractions dressent un procès- verbal détaillant la quantité et les caractéristiques desdits biens, objets et captures.

byakoreshejwe n'ibinyabuzima byo mu mazi byarobwe.

Iyo umukozi ushinzwe kugenza icyaha afashe uduce duto tw'icyitegererezo ku binyabuzima byo mu mazi biri mu bwato, mu nzu cyangwa mu kinyabiziga kugira ngo dukorerweho igenzura, agomba kubikorera inyandikomvugo igaragaza ubwoko n'uko utwo duce tungana.

Nyir'ibintu cyangwa umuhagarariye ashyira umukono kuri iyo nyandikomvugo kandi akanahabwa kopi yayo.

**UMUTWE WA VIII: IBIHANO**

**Ingingo ya 29: Ibyaha**

Ku bw'iri tegeko, aba akoze icyaha umuntu wese:

1° ukoresha uburyo, imiti cyangwa ibikoresho by'uburobyi bibujijwe;

2° urobera ahantu habujijwe cyangwa mu bihe bibujijwe;

3° udahita asubiza mu mazi ubwoko bw'ibinyabuzima byo mu mazi bitemewe kurobwa, ibifite uburemere cyangwa ingero biri munsi y'ibiteganyijwe muri iri tegeko;

4° ubuza mu buryo ubwo ari bwo bwose abakozi bashinzwe kugenza

In case an employee in charge of criminal investigation takes samples of water organisms in vessels, in a house or in a vehicle for inspection, he/she shall make a statement therein indicating the types and the quantity of the sample.

The statement shall be signed by the owner of the property or his/her representative and he/she shall be given a copy.

**CHAPTER VIII: PENALTIES**

**Article 29: Offences**

In accordance with this Law, commits an offence, any person who:

1° uses techniques, substances or fishing equipment that are prohibited;

2° catches fish in a prohibited area or in prohibited periods;

3° does not immediately return back the species of water organisms prohibited to be caught, those with weight or size that are below the diamensions specified in this Law;

4° prohibits in any manner, employees in charge of criminal investigation to carry out

L'agent de recherche des infractions qui effectue des prélèvements d'échantillons à bord d'embarcation, de local ou de véhicule, doit dresser un procès-verbal précisant les espèces et les quantités prélevées.

Le propriétaire ou son représentant signe ce procès-verbal et en reçoit une copie.

**CHAPITRE VIII: PEINES**

**Article 29: Infractions**

Constituent des infractions à la présente loi:

1° l'emploi de procédés, substances ou engins de pêche prohibés;

2° la pêche dans des zones ou pendant des périodes interdites ;

3° le défaut de lâcher immédiatement des espèces aquatiques dont la capture est prohibée ou dont le poids ou les dimensions sont inférieurs aux poids ou dimensions minimales fixées par la législation en vigueur;

4° tout acte visant à empêcher les agents de recherche des infractions d'accomplir les

ibyaha gukora imirimo basabwa n'iri tegeko;

5° ukora igikorwa cyose cyatuma igice ibinyabuzima byo mu mazi byororokeramo gisenyuka cyangwa cyakwangiza ahantu cyimeza ho gutuburira no kongerera umutungo w'ibinyabuzima byo mu mazi;

6° usenya cyangwa uhisha ibimenyetso by'icyaha bivugwa muri iyi ngingo.

**Ingingo ya 30: Ibihano ku wakoze uburobyi nta ruhushya**

Bitabangamiye ibiteganywa n'Igitabo cy'amategeko ahana, umuntu wese ukora ibikorwa by'uburobyi atabifitiye uruhushya ruvugwa mu ngingo ya 16 y'iri tegeko, ahanishwa ihazabu y'amafaranga y'u Rwanda kuva ku bihumbi mirongo itanu (50.000) kugeza ku bihumbi magana abiri (200.000) n'igifungo kuva ku mezi atatu (3) kugeza ku mezi atandatu (6) cyangwa se kimwe muri ibyo bihano no kwamburwa ibikoresho byakoreshejwe.

**Ingingo ya 31: Ibihano ku wakoze ibyaha bivugwa mu ngingo ya 29**

Bitabangamiye ibiteganywa n'Igitabo cy'amategeko ahana, ibyaha by'uburobyi bivugwa mu ngingo ya 29, bihanishwa igifungo kuva ku mezi atatu (3) kugeza ku mezi cumi n'abiri (12) n'ihazabu

their duties as required by this Law;

5° carries out any act that may lead to destruction of one part in which water organisms are reproduced, or which may destroy any natural site meant for multiplication and reproduction of water organism resource;

6° destroys or conceals evidence of the crime stipulated in this Article.

**Article 30: Penalties for unauthorised fisherman**

Without prejudice to the provisions of the Penal Code, any person who engages in fishing activities without authorisation stipulated in Article 16 of this Law shall be liable to a fine ranging from fifty thousand (50,000) Rwanda Francs to two hundred thousand (200,000) Rwandan Francs and an imprisonment of three (3) months to six (6) months or one of them and dispossession of the equipment used.

**Article 31: Penalties for a person who violates Article 29**

Without prejudice to the provisions of the Penal Code, violations of the provisions of Article 29 of this Law, shall be punished with an imprisonment of three (3) months to twelve (12) months and a fine ranging from two hundred thousand (200,000)

attributions leurs assignées par la présente loi;

5° tout acte entraînant la destruction d'une zone frayère ou portant atteinte au milieu naturel de reproduction et de croissance des ressources halieutiques;

6° la destruction ou dissimilation des preuves d'une infraction définie au présent article.

**Article 30: Peines prévues en cas de pêche sans licence**

Sans préjudice des dispositions du Code Pénal, quiconque se sera livré à des activités de pêche sans y être dûment autorisé conformément à l'article 16 de la présente loi sera passible d'une amende de cinquante mille (50.000) francs rwandais à deux cents mille (200.000) francs rwandais et d'une peine d'emprisonnement de trois mois (3) à six mois (6) ou de l'une des deux peines seulement ainsi que la saisie du matériel utilisé lors de l'infraction commise.

**Article 31: Peines prévues en cas de commission d'infractions citées à l'article 29**

Sans préjudice des dispositions du Code Pénal, l'infraction aux dispositions de l'article 29 est punissable d'un emprisonnement de trois (3) à douze (12) mois ou d'une amende de deux cents mille (200.000) à cinq cents mille (500.000) francs rwandais

y’amafaranga y’u Rwanda kuva ku bihumbi magana abiri (200.000) kugeza ku bihumbi magana atanu (500.000) cyangwa se kimwe muri ibyo bihano.

**Ingingo ya 32: Ibihano bigenewe uwabangamiye abakozi bashinzwe kugenza ibyaha byo mu bworozi bwo mu mazi n’uburobyi**

Bitabangamiye ibiteganywa n’igitabo cy’amategeko ahana, umuntu wese ubangamiye ku buryo bugaragara umukozi ushinzwe kugenza ibyaha byo mu bworozi bwo mu mazi n’uburobyi ari mu gukora imirimo ye ahanishwa igihano cy’igifungo kuva ku mezi atandatu (6) kugeza ku mezi cumi n’abiri (12) n’ihazabu y’amafaranga y’u Rwanda kuva ku bihumbi magana abiri (200.000) kugeza ku bihumbi magana atanu (500.000) cyangwa se kimwe muri ibyo bihano.

**Ingingo ya 33: Ibihano mu gihe habaye isubiracyaha**

Bitabangamiye ibiteganywa n’igitabo cy’amategeko ahana, iyo habaye isubiracyaha, igihano cyatanzwe cyikuba kabiri.

**UMUTWE WA IX: INGINGO ZINZIBACYUHO N’IZISOZA**

**Ingingo ya 34: Ibisabwa n’igihe cyo ku byuzuza**

Ba nyir’ibikorwa bisanzwe biriho

Rwandan Francs to five hundred (500,000) Rwandan Francs or one of the penalties.

**Article 32: Penalties for obstructing persons in charge of criminal investigations of aquaculture and fishing**

Without prejudice to provisions of the penal code, any person who obstructs a person in charge of criminal investigation in the aquaculture and fishing while in the fulfilment of his/her duties, shall be punished with a term of imprisonment of six (6) months to twelve (12) months and a fine ranging from two hundred thousand (200,000) Rwandan Francs to five hundred thousand (500,000) Rwandan Francs or one of the penalties.

**Article 33: Penalties in case of recidivism**

Without prejudice to the provisions of the penal code, in case of recidivism, the penalty awarded shall double.

**CHAPTER IX: TRANSITIONAL AND FINAL PROVISIONS**

**Article 34: Requirements and period for fulfilment**

Owners of existing activities who did not previously

ou de l’une de ces peines seulement.

**Article 32: Peines prévues en cas d’entrave au travail de l’agent de recherche des infractions**

Sans préjudice des dispositions du code pénal, toute personne qui empêche l’agent de recherche des infractions de remplir ses fonctions est passible d’une peine d’emprisonnement de six (6) à douze (12) mois et d’une amende de deux cents mille (200.000) à cinq cents mille francs rwandais (500.000) ou de l’une de ces peines seulement.

**Article 33: Peines prévues en cas de récidive**

Sans préjudice des dispositions du code pénal, les peines sont doublées en cas de récidive.

**CHAPITRE IX: DISPOSITIONS TRANSITOIRES ET FINALES**

**Article 34: Formalités et délai de les remplir**

Tous les établissements existant qui ne sont pas en

bitubahirizaga ibisabwa muri iri tegeko, bategetswe kubyubahiriza mu gihe kitarenze umwaka umwe (1) ritangiye gukurikizwa.

**Ingingo ya 35: Ivanwaho ry'ingingo zinyuranyije n'iri tegeko**

Ingingo zose z'amategeko abanziriza iri kandi zinyuranyije na ryo zivanyweho.

**Ingingo ya 36: Igihe itegeko ritangirira gukurikizwa**

Iri tegeko ritangira gukurikizwa ku munsi ritangarijweho mu Igazeti ya Leta ya Repubulika y'u Rwanda.

Kigali, kuwa **10/09/2008**

Perezida wa Repubulika
**KAGAME Paul**
**(sé)**

Minisitiri w'Intebe
**MAKUZA Bernard**
**(sé)**

**Bibonywe kandi bishyizweho Ikirango cya Repubulika:**

Minisitiri w'Ubutabera/Intumwa Nkuru ya Leta
**KARUGARAMA Tharcisse**
**(sé)**

observe the requirements of this Law are hereby required to observe them in a period of one year from the day of its coming into force.

**Article 35: Repealing of inconsistent provisions**

All prior legal provisions contrary to this Law are hereby repealed.

**Article 36 : Commencement**

This Law shall come into force on the date of its publication in the Official Gazette of the Republic of Rwanda.

Kigali, on **10/09/2008**

The President of the Republic
**KAGAME Paul**
**(sé)**

The Prime Minister
**MAKUZA Bernard**
**(sé)**

**Seen and sealed with the Seal of the Republic**

The Minister of Justice/Attorney General

**KARUGARAMA Tharcisse**
**(sé)**

conformité avec les dispositions de la présente loi doivent s'y conformer dans un délai d'un an à dater de son entrée en vigueur.

**Article 35: Disposition abrogatoire**

Toutes les dispositions légales antérieures contraires à la présente loi sont abrogées.

**Article 36: Entrée en vigueur**

La présente loi entre en vigueur le jour de sa publication au Journal Officiel de la République du Rwanda.

Kigali, le **10/09/2008**

Le Président de la République
**KAGAME Paul**
**(sé)**

Le Premier Ministre
**MAKUZA Bernard**
**(sé)**

**Vu et scellé du Sceau de la République:**

Le Ministre de la Justice/Garde des Sceaux

**KARUGARAMA Tharcisse**
**(sé)**

**ITEKA RYA MINISITIRI N°03/09 RYO KUWA 30/03/2009 RISHYIRAHO UBURYO BWO KUGENZURA IBIKORWA BY'ABISHINGIZI N'IBIGO BYAKIRIYE ABAFITE UBUMUGA**

**IBIRIMO**

**Ingingo ya mbere: Icyo iteka rigamije**

**Ingingo ya 2: Ibisobanuro by'amagambo**

**Ingingo ya 3: Gusaba ubuzimagatozi**

**Ingingo ya 4: Gusaba kwemererwa kwakira umuntu ufite ubumuga**

**Ingingo ya 5: Raporo y'ibikorwa**

**Ingingo ya 6: Inama zikorwa**

**Ingingo ya 7: Inama na Minisiteri**

**Ingingo ya 8: Kugenzura ibikorwa by'abishingizi n'ibigo**

**Ingingo ya 9: Iyandikwa ry'ufite ubumuga**

**Ingingo ya 10: Uburenganzira bw'ufite ubumuga**

**Ingingo ya 11: Ububasha bw'ikigo**

**MINISTERIAL ORDER N°03/09 OF 30/03/2009 ESTABLISHING MODALITIES FOR REGULAR MONITORING OF ACTIVITIES OF TUTORS AND CENTRES THAT CATER FOR THE DISABLED PERSONS**

**TABLE OF CONTENTS**

**Article One: Purpose of this Order**

**Article 2: Definitions of terms**

**Article 3: Application for legal status**

**Article 4: Applying authorisation to receive disabled person**

**Article 5: Activity report**

**Article 6: Meetings**

**Article 7: Meetings with the Ministry**

**Article 8: Monitoring the activities of tutors and centres**

**Article 9: Registration of disabled person**

**Article 10: Rights of disabled person**

**Article 11: Legal right of centre catering**

**ARRETE MINISTERIEL N°03/09 DU 30/03/2009 PORTANT MODALITES DE SUIVI DES ACTIVITES DES TUTEURS ET DES CENTRES DE PRISE EN CHARGE DES PERSONNES HANDICAPEES**

**TABLE DES MATIERES**

**Article premier : Objet de l'arrêté.**

**Article 2 : Définitions des termes**

**Article 3 : Demande de personnalité juridique**

**Article 4 : Demande d'autorisation de prendre en charge une personne handicapée**

**Article 5 : Rapport d'activités**

**Article 6 : Réunions**

**Article 7 : Réunion avec le Ministère**

**Art 8 : Suivi des activités des tuteurs et des centres**

**Article 9 : Enregistrement de la personne handicapée**

**Article 10 : Droits de la personne handicapée**

**Article 11 : Pouvoirs du centre ayant en**

**cyakiriye ufite ubumuga**

**<u>Ingingo ya 12</u>: Ivanwaho ry'ingingo zinyuranyije n'iri teka**

**<u>Ingingo ya 13</u>: Igihe iteka ritangira gukurikizwa**

**for disabled persons**

**<u>Article 12</u>: Repealing of inconsistent provisions**

**<u>Article 13</u>: Commencement**

**charge une personne handicapée**

**<u>Article 12</u> : Disposition abrogatoire**

**<u>Article 13</u> : Entrée en vigueur**

**ITEKA RYA MINISITIRI N° 03/09 RYO KUWA 30/03/2009 RISHYIRAHO UBURYO BWO KUGENZURA IBIKORWA BY'ABISHINGIZI N'IBIGO BYAKIRIYE ABAFITE UBUMUGA**

**Minisitiri w'Ubutegetsi bw'Igihugu;**

Ashingiye ku Itegeko Nshinga rya Repubulika y'u Rwanda ryo ku wa 04 Kamena 2003 nk'uko ryavuguruwe kugeza ubu, cyane cyane mu ngingo zaryo, iya 9, iya 10, iya 11, iya 14, iya 16, iya 120, iya 121 n'iya 201;

Ashingiye ku Itegeko n° 01/2007 ryo ku wa 20/01/2007 rirengera abantu bafite ubumuga muri rusange cyane cyane mu ngingo yaryo ya 6;

Amaze kubona iteka rya Minisitiri nº 010/07.01 ryo ku wa 12/10/2007 rishyiraho amabwiriza agenga impuzamashyirahamwe, amashyirahamwe n'ibigo byita ku bafite ubumuga

Inama y'Abaminisitiri yateranye ku wa 12/09/2008 imaze kubisuzuma no ku byemeza;

**ATEGETSE:**

**MINISTERIAL ORDER N°03/09 OF 30/03/2009 ESTABLISHING MODALITIES FOR REGULAR MONITORING OF ACTIVITIES OF TUTORS AND CENTRES THAT CATER FOR THE DISABLED PERSONS**

**The Minister of Local Government;**

Pursuant to the Constitution of the Republic of Rwanda of 04 June 2003 as amended to date, especially in Articles 9, 10, 11, 14, 16, 120, 121 and 121;

Pursuant to Law n° 01/2007 of 20/01/2007 relating to protection of disabled persons in general especially in Article 6;

Considering the Ministerial Order 010/07.01 of 12/10/2007 instituting instructions that govern federations, associations and centres which cater for the disabled persons;

After consideration and approval by the Cabinet in its session of 12/09/2008;

**HEREBY ORDERS:**

**ARRETE MINISTERIEL N° 03/09 DU 30/03/2009 PORTANT MODALITES DE SUIVI DES ACTIVITES DES TUTEURS ET DES CENTRES DE PRISE EN CHARGE DES PERSONNES HANDICAPEES**

**Le Ministre de l'Administration Locale;**

Vu la Constitution de la République du Rwanda du 04 juin 2003 telle que révisée à ce jour, spécialement en ses articles 9, 10, 11, 14, 16, 120, 121 et 201 ;

Vu la Loi n° 01/2007 du 20/01/2007 portant protection des personnes handicapées en général, spécialement en son article 6 ;

Considérant l'Arrêté Ministériel n° 010/07.01 du 12/10/2007 portant réglementation des fédérations, associations et centres de prise en charge des personnes handicapées ;

Après examen et adoption par le Conseil des Ministres en sa séance du 12/09/2008;

**ARRETE :**

**Ingingo ya mbere: Icyo iri teka rigamije**

Iri teka rishyiraho uburyo bwo kugenzura ibikorwa by'abishingizi n'ibigo byakiriye abafite ubumuga.

**Ingingo ya 2: Ibisobanuro by'amagambo**

Muri iri teka:

1. **Umwishingizi** ni umuntu wiyemeje ku bushake bwe kwita ku ufite ubumuga amukorera ibyo akeneye atabasha kwikorera.

2. **Ibigo byakiriye abafite ubumuga** ni ahantu hihariye hakiririrwa abantu bafite ubumuga bakitabwaho bahabwa ibyo bakenera by'ibanze mu mibereho yabo ya buri munsi kandi bagafashwa hakurikijwe ubumuga bwa buri wese.

**Ingingo ya 3: Gusaba ubuzima gatozi**

Kugira ngo ikigo cyemererwe kwakira ufite ubumuga kigomba kuba gifite ubuzimagatozi butangwa n'urwego rwa Leta rubifitiye ububasha.

**Article One: Purpose of this Order**

This Order establishes modalities for regular monitoring of actions of tutors and centers that cater for disabled persons.

**Article 2: Definitions of terms**

In this Order:

1. **"Tutor"** is any person who voluntarily assists a disabled person to perform functions which he/she otherwise would not be able to perform on his/her own.

2. **"Centres that cater for disabled persons"** are particular establishments which receive disabled persons, give them day to day basic requirements and assist each according to his/her disability.

**Article 3: Application for legal status**

For any centre to be permitted to receive disabled persons, it must have a legal status granted by a competent authority.

**Article premier : Objet de l'arrêté.**

Le présent arrêté détermine les modalités de suivi des activités des tuteurs et des centres de prise en charge des personnes handicapées.

**Article 2 : Définitions des termes**

Dans le présent arrêté :

1. **Tuteur** signifie une personne qui volontairement s'est décidée à prendre en charge une personne handicapée en subvenant à ses besoins au-delà de ses capacités.

2. **Centres de prise en charge des personnes handicapées** sont des établissements spéciaux dans lesquels les personnes handicapées sont prises en charge en recevant de quoi satisfaire leur besoins essentiels pour leur existence quotidienne et en recevant l'assistance appropriée à leur état.

**Article 3 : Demande de personnalité juridique**

Pour qu'un centre soit autorisé à prendre en charge une personne handicapée, il doit avoir acquis la personnalité juridique octroyée par l' autorité compétente de l'Etat.

**Ingingo ya 4: Gusaba kwemererwa kwakira umuntu ufite ubumuga**

Inyandiko isaba kwemererwa kwakira ufite ubumuga igaragaza ibi bikurikira:

1° Umwirondoro w'umuntu cyangwa ibiranga umuryango usaba;
2° Kopi y'amategeko agenga ikigo (statuts);
3° Ubwoko bw'ibikorwa cyangwa serivisi bigenewe abafite ubumuga, bitangirwa mu kigo;
4° Icyiciro cy'abafite ubumuga bateganywa kwakirwa mu kigo;
5° Aho amikoro azaturuka.

**Ingingo ya 5: Raporo y'ibikorwa**

Buri kigo cyita ku bantu bafite ubumuga kigeza ku buyobozi bw'Akarere kirimo raporo y'ibikorwa ya buri mwaka urangiye na gahunda y'ibikorwa by'umwaka ukurikira, Minisitiri ufite abantu bafite ubumuga mu nshingano ze akagenerwa kopi binyuze ku Ntara/Umujyi wa Kigali.

Muri raporo y'ibikorwa hagaragazwamo ibi bikurikira:

1. ibyagombabaga kugerwaho;
2. ibyagezweho;
3. inzitizi ikigo cyahuye nazo

**Article 4: Applying authorisation to receive disabled person**

An application letter requesting for authorisation to receive disabled person shall contain the following information:

1° Curriculum Vitae of the applicant or description of the centre;
2° Copy of the centre's legal statutes;
3° Type of services offered to the disabled person at the centre;
4° Category of the disabled persons the centre intends to receive;
5° Source of funding.

**Article 5: Activity report**

Every centre catering for disabled persons shall submit its activity report of each previous year and action plan of the following year to the authorities of the District in which its activities are based and copy of them to the Minister in charge of disabled persons through the Provinces/Kigali City.

The activity report shall contain the following information:

1. Targets;
2. Achievements.
3. Constraints and strategies to address

**Article 4 : Demande d'autorisation de prendre en charge une personne handicapée**

La demande d'autorisation de prendre en charge une personne handicapée doit comporter les informations suivantes :

1° L'identification de la personne ou du Centre demandeur ;
2° Une copie des statuts du centre ;
3° le type d'actions ou de services réservés aux personnes handicapées, par le centre ;
4° la catégorie de personnes handicapées à prendre en charge par le centre ;
5° Source de financement.

**Article 5 : Rapport d'activités**

Chaque centre de prise en charge des personnes handicapées soumet son rapport annuel d'activités pour l'exercice précédent et son plan annuel d'action pour l'exercice suivant aux autorités du District dans lequel il opère et réserve une copie au Ministre ayant la prise en charge des personnes handicapées dans ses attributions par l'intermédiaire de la Province ou de la Ville de Kigali.

Dans le rapport d'activité sont notamment indiqués :

1. les résultats attendus ;
2. les résultats atteints
3. les contraintes et perspectives d'avenir.

n'ingamba zafashwe mu kuzikemura

them

**<u>Ingingo ya 6</u>: Inama zikorwa**

Ubuyobozi bw'Akarere bugirana inama rimwe mu gihembwe n'ibigo cyangwa abishingizi bakiriye uwamugaye, muri iyo nama hagaragazwamo aho gahunda y'ibikorwa by'igihembwe igeze na gahunda y'igihembwe gikurikira; higwa kandi ku bibazo bahura nabyo mu gufasha uwamugaye bakiriye cyangwa babereye umwishingizi,

Inyandikomvugo y'inama ishyikirizwa Guverineri w'Intara/Umuyobozi w'Umujyi wa Kigali mu gihe kitarenze iminsi irindwi (7) uhereye igihe inama yateraniye, Minisitiri ufite abantu bafite ubumuga mu nshingano ze akagenerwa kopi.

**<u>Ingingo ya 7</u>: Inama na Minisiteri**

Minisiteri ifite abantu bafite ubumuga mu nshingano zayo, ikorana inama kabiri mu mwaka n'ibigo n'abishingizi b'abafite ubumuga, ishobora kandi gutumira buri wese ku giti cye mu gihe haba hari ikibazo kihariye cyabangamira imibereho y'uwo abereye umwishingizi cyangwa yakiriye mu kigo.

**<u>Article 6</u>: Meetings**

The District authorities shall convene quarterly meetings with centres or tutors catering for disabled persons. In such meetings centres and tutors shall give quarterly progress report and action plan of the next term and address constraints and problems they encounter in the course of assisting disabled persons in their care.

Minutes of these meetings shall be submitted to the Governor of the Province/Mayor of Kigali City within a period not exceeding seven (7) days from the date on which the meeting was convened. The Minister in charge of disabled persons shall be given a copy.

**<u>Article 7</u>: Meetings with the Ministry**

The Minister in charge of disabled persons shall hold meetings with centres and tutors catering for disabled person twice a year. He/she may also summon any individual when a specific problem presents itself which may be a hindrance to the disabled person under his/her care.

**<u>Article 6</u> : Réunions**

Les autorités de Districts tiennent, une fois par trimestre, une réunion avec les centres et les tuteurs prenant en charge des personnes handicapées au cours de laquelle il est relaté l'évolution de l'exécution du plan d'activité au cours du trimestre précédent ainsi que le plan d'action pour le trimestre suivant. Sont également examinés les problèmes rencontrés dans le cadre de l'assistance portée aux personnes handicapées à leur charge ou dont ils sont tuteurs.

Le procès verbal de la réunion est transmis au Gouverneur de la Province ou au Maire de la Ville de Kigali dans un délai ne dépassant pas sept (7) jours à compter du jour de la réunion. Une copie du procès verbal est réservée au Ministre ayant la prise en charge des personnes handicapées dans ses attributions.

**<u>Article 7</u> : Réunion avec le Ministère**

Le Ministère ayant la prise en charge des personnes handicapées dans ses attributions tient, deux fois l'an, des réunions avec les centres et les tuteurs prenant en charge des personnes handicapées, avec la possibilité d'inviter chacun personnellement en cas de problème particulier éventuel concernant une personne handicapée dont il est tuteur ou a la charge.

**Ingingo ya 8: Kugenzura ibikorwa by'abishingizi n'ibigo**

Umurenge ugenzura imyitwarire y'abishingizi b'abafite ubumuga n'ibigo. Umukozi ufite imibereho myiza mu nshingano ze ku rwego rw'Umurenge, asura rimwe mu gihembwe buri mwishingizi w'ufite ubumuga.

**Ingingo ya 9: Iyandikwa ry'ufite ubumuga**

Iyo umuntu ufite ubumuga yinjiye mu kigo, yandikwa mu izina rye bwite rikurikiwe n'andi mazina yaba afite, mu gitabo cyabigenewe n'ikigo kimwakiriye, hagomba kandi umukono w'umuntu umuzanye ndetse n'umukono w'umukozi w'ikigo wamwakiriye,

Abaye atabasha kuvuga izina rye cyangwa atarizi kandi nta nundi muntu watanga umwirondoro we, ikigo kimuha izina, rikamenyeshwa umukozi ushinzwe irangamimerere mu Murenge ikigo cyubatsemo mu gihe kitarenze iminsi irindwi (7) y'akazi.

**Ingingo ya 10: Uburenganzira bw'ufite ubumuga**

Iyo amaze kugera mu kigo, uwamugaye ahabwa ibyangombwa akeneye birimo kuvurwa, kwiga n'ibindi bimufasha kubaho neza. Yemererwa gusura no

**Article 8: Monitoring the activities of tutors and centres**

The Sector shall monitor the behaviour of the tutor's for disabled persons and the centres. The person in charge of social affairs at the Sector level shall visit each tutor of disabled persons once a quarter.

**Article 9: Registration of disabled person**

When a disabled person is received in a center, it shall register him/her in the appropriate book starting with the first name followed by any other names. The person accompanying/receiving the disabled person into the centre shall append their signatures against his/her name.

In the case the disabled person is deaf or does not know his/her name and no other person knowing him/her is available, the centre shall issue him/her with a name and accordingly and inform the registrar of persons at the Sector in which the centre operates within a period not exceeding seven (7) open days.

**Article 10: Rights of disabled person**

Once the disabled person has been received at the centre, he/she shall be given the basic necessities including health care, education and other facilities which make his/her life

**Art 8 : Suivi des activités des tuteurs et centres**

Le Secteur surveille le comportement des tuteurs de personnes handicapées ainsi que les centres. Le professionnel ayant les affaires sociales dans ses attributions au niveau du secteur doit visiter chaque tuteur des personnes handicapées une fois par trimestre.

**Article 9 : Enregistrement de la personne handicapée**

Dès son accueil dans un centre, la personne handicapée est enregistrée par son nom propre suivi de son (ses) prénom(s), dans un registre tenu à cet effet par le centre d'accueil. La signature de la personne l'y ayant accompagnée et celle de l'agent l'ayant accueilli est obligatoire.

Au cas où la personne handicapée n'est pas à mesure de donner son nom ou l'ignore et que personne d'autre n'est à mesure de décliner son identité, le centre lui choisit un nom, qui est porté à la connaissance de l'agent chargé de l'état civil au niveau du Secteur dans lequel le centre est situé dans un délai ne dépassant pas sept (7) jours ouvrables.

**Article 10 : Droits de la personne handicapée**

Une fois admis au centre, la personne handicapée reçoit le nécessaire dont elle a besoin y compris les soins de santé, l'éducation et autre permettant son épanouissement. Elle est

gusurwa n'abo bafitanye isano.

**<u>Ingingo ya 11</u>: Ububasha bw'ikigo cyakiriye ufite ubumuga**

Ikigo cyakiriye uwamugaye cyangwa umwishingizi we, afite ububasha bwo gukurikirana mu nzego zibishinzwe inyungu z'uwamugaye bishingiye cyangwa bakiriye mu kigo, mu gihe babyiyemeje, harimo ububasha bwo gukurikirana mu nkiko umutungo we no kumuhagararira imbere y'amategeko mu gihe bibaye ngombwa.

**<u>Ingingo ya 12</u>: Ivanwaho ry'ingingo zinyuranyije n'iri teka**

Ingingo zose z'amateka abanziriza iri kandi zinyuranyije naryo zivanyweho.

**<u>Ingingo ya 12</u>: Igihe iteka ritangira gukurikizwa**

Iri teka ritangira gukurikizwa ku munsi ritangarijweho mu Igazeti ya Leta ya Repubulika y'u Rwanda.

Kigali, kuwa **30/03/2009**

Minisitiri w'Ubutegetsi bw'Igihugu

**MUSONI Protais**
**(sé)**

comfortable. He/she shall be allowed to visit and be visited by relatives.

**<u>Article 11</u>: Legal right of Centre catering for disabled persons**

The Centre catering for disabled persons or his/her tutor has a legal right to represent the interests of the disabled person in their care before relevant authorities if they so consent. This shall include the right to claim his/her property in Courts and represent him/her before the law whenever deemed necessary.

**<u>Article 12</u>: Repealing of inconsistent provisions**

All prior provisions contrary to this Order are hereby repealed.

**<u>Article 12</u>: Commencement**

This order shall come into force on the date of its publication in the Official Gazette of the Republic of Rwanda.

Kigali, on **30/03/2009**

The Minister of Local Government

**MUSONI Protais**
**(sé)**

autorisée de rendre visite ceux avec qui elle a des relations et les visiter à son tour.

**<u>Article 11</u> : Pouvoirs du centre ayant en charge une personne handicapée**

Le centre prenant en charge une personne handicapée ou son tuteur, a le pouvoir de poursuivre devant les instances compétentes les intérêts de la personne dont il est tuteur ou a la charge, quant ils en prennent la décision, incluant le pouvoir de mener devant les juridictions les affaires relatives à son patrimoine et la représenter devant la loi si nécessaire.

**<u>Article 12</u> : Disposition abrogatoire**

Toutes les dispositions antérieures contraires au présent arrêté sont abrogées.

**<u>Article 12</u> : Entrée en vigueur**

Le présent arrêté entre en vigueur le jour de sa publication au Journal Officiel de la République du Rwanda.

Kigali, le **30/03/2009**

Le Ministre de l'Administration Locale

**MUSONI Protais**

**(sé)**

Umunyamabanga wa Leta ushinzwe Amajyambere Rusange n'Imibereho Myiza y'Abaturage muri Minisiteri y'Ubutegetsi bw'Igihugu

**NYATANYI Christine**

**(sé)**

**Bibonywe kandi bishyizweho Ikirango cya Repubulika:**

Minisitiri w'Ubutabera/Intumwa Nkuru ya Leta

**KARUGARAMA Tharcisse**

**(sé)**

The Minister of State in charge of Community Development and Social Affairs in the Ministry of Local Government

**NYATANYI Christine**

**(sé)**

**Seen and sealed with the Seal of the Republic:**

Minister of Justice / Attorney General

**KARUGARAMA Tharcisse**

**(sé)**

Le Secrétaire d'Etat chargé du Développement Communautaire et des Affaires Sociales au Ministère de l'Administration Locale

**NYATANYI Christine**

**(sé)**

**Vu et Scellé du Sceau de la République** :

Le Ministre de la Justice/ Garde des Sceaux

**KARUGARAMA Tharcisse**

**(sé)**

**ITEKA RYA MINISITIRI N°04/09 RYO KUWA 30/03/2009 RIGENA UKO UBUTABAZI BUKORERWA ABAFITE UBUMUGA MU GIHE CY'INTAMBARA, IMPANUKA N'IBINDI BYAGO BUKORWA**

**IBIRIMO**

**Ingingo ya mbere : Icyo iteka rigamije**

**Ingingo ya 2: Inshingano za Leta**

**Ingingo ya 3: Ivanwaho ry'ingingo zinyuranyije n'iri teka**

**Ingingo ya 4: Igihe iteka ritangira gukurikizwa**

**MINISTERIAL ORDER N° 04/09 OF 30/03/2009 ESTABLISHING MODALITIES OF HOW DISABLED PERSONS SHALL BE ASSISTED IN TIMES OF CONFLICT, ACCIDENTS AND OTHER DISASTERS.**

**TABLE OF CONTENTS**

**Article One: Purpose of this Order**

**Article 2: Government responsibilities**

**Article 3: Repealing of inconsistent provisions**

**Article 4: Commencement**

**ARRETE MINISTERIEL N°04/09 DU 30/03/2009 PORTANT MODALITES D'ASSISTANCE AUX PERSONNES HANDICAPEES EN CAS DE CONFLIT, D'ACCIDENT ET D'AUTRES CATASTROPHES.**

**TABLE DES MATIERES**

**Article premier : Objet de l'arrêté**

**Article 2 : Responsabilités de l'Etat**

**Article 3 : Disposition abrogatoire**

**Article 4 : Entrée en vigueur**

**ITEKA RYA MINISITIRI N° 04/09 RYO KUWA 30/03/2009 RIGENA UKO UBUTABAZI BUKORERWA ABAFITE UBUMUGA MU GIHE CY'INTAMBARA, IMPANUKA N'IBINDI BYAGO BUKORWA**

**Minisitiri w'Ubutegetsi bw'Igihugu,**

Ashingiye ku Itegeko Nshinga rya Repubulika y'u Rwanda ryo ku wa 04 Kamena 2003, nk'uko ryavuguruwe kugeza ubu, cyane cyane mu ngingo zaryo, iya 9, iya 10, iya 11, iya 14, iya 16, iya 120, iya 121 n'iya 201 ;

Ashingiye ku Itegeko n° 01/2007 ryo ku wa 20/01/2007 rirengera abantu bafite ubumuga muri rusange cyane cyane mu ngingo yaryo ya 9

Inama y'Abaminisitiri yateranye ku wa 12/09/ 2008 imaze kubisuzuma no kubyemeza ;

**ATEGETSE :**

**Ingingo ya mbere : Icyo iteka rigamije**

Iri teka rigena uko ubutabazi bukorerwa abafite ubumuga mu gihe cy'intambara, impanuka n'ibindi byago bukorwa.

**MINISTERIAL ORDER N°04/09 OF 30/03/2009 ESTABLISHING MODALITIES OF HOW DISABLED PERSONS SHALL BE ASSISTED IN TIMES OF CONFLICT, ACCIDENTS AND OTHER DISASTERS**

**The Minister of Local Government,**

Pursuant to the Constitution of the Republic of Rwanda of 04 June 2003 as amended to date, especially in Articles 9, 10, 11, 14, 16, 120, 121 and 201;

Pursuant to Law n° 01/2007 of 20/01/2007 relating to protection of disabled persons in general especially in Article 9;

After consideration and approval by the Cabinet in its session of 12/09/2008;

**HERBY ORDERS:**

**Article One: Purpose of this Order**

This Order establishes modalities of how disabled persons shall be assisted in times of conflict, accidents and other disasters.

**ARRETE MINISTERIEL N°04/09 DU 30/03/2009 PORTANT MODALITES D'ASSISTANCE AUX PERSONNES HANDICAPEES EN CAS DE CONFLIT, D'ACCIDENT ET D'AUTRES CATASTROPHES**

**Le Ministre de l'Administration Locale,**

Vu la Constitution de la République du Rwanda du 4 juin 2003, telle que révisée à ce jour, spécialement en ses articles 9, 10, 11, 14, 16, 120, 121 et 201 ;

Vu la Loi n° 01/2007 du 20/01/2007 portant protection des personnes handicapées en général, spécialement en son article 9 ;

Après examen et adoption par le Conseil des Ministres en sa séance du 12/09/2008;

**ARRETE :**

**Article premier : Objet de l'arrêté**

Le présent arrêté détermine les modalités d'assistance et de secours particuliers aux personnes handicapées en cas de conflit, accident et d'autres catastrophes.

**<u>Ingingo ya 2</u>: Inshingano za Leta**

Mu rwego rwo gutabara ufite ubumuga mu gihe cy'intambara, impanuka n'ibindi byago, Leta ifite inshingano zikurikira hashingiwe kuri buri cyiciro cy'ubumuga:

1° kwibutsa no gushishikariza imiryango ifasha muri ibyo bihe, gutabara no gufasha abafite ubumuga;

2° kwita by'umwihariko ku bafite ubumuga;

3° guha no gufasha abafite ubumuga kubona ibikoresho by'ibanze byihutirwa bakeneye;

4° kumenyesha amakuru buri gihe aho ibihe bigeze n'uko bimeze;

5° gushyiraho uburyo bwo gufasha abafite ubumuga kumenya ko hari ikintu kibaye kidasanzwe;

6° kwigisha no kumenyesha abafite ubumuga ahagenewe kunyura mu buryo bworoshye mu gihe cy'ubutabazi;

7° guha umuntu ufite ubumuga ibikoresho bya ngombwa byatuma atabarwa cyangwa

**<u>Article 2</u>: Government responsibilities**

In the framework of assisting disabled persons in times of conflict, accidents and other disasters, the Government shall assume the following responsibilities depending on the category of each disability:

1° Remind and sensitise organisations which give assistance in such periods to provide emergency aid and help those with disabilities;

2° Give special attention to persons with disabilities;

3° Donate to and assist persons with disabilities to access basic emergency requirements they need;

4° Constantly give progress reports on the prevailing situation;

5° Institute modalities to alert persons with disabilities in order to know some extraordinary event has that taken place;

6° Train and inform persons with disabilities about exits which can easily be used in case of emergency;

7° Give a person with disabilities appropriate equipment which can easily be used to call for emergency

**<u>Article 2</u> : Responsabilités de l'Etat**

Dans le cadre de porter assistance et secours à une personne handicapée, en cas de conflit, d'accident et d'autres catastrophes, l'Etat assumera les responsabilités suivantes selon la catégorie de chaque handicap :

1° Rappeler et sensibiliser les organisations d'assistance en de telles circonstances, de secourir et d'assister les personnes handicapées ;

2° Accorder une attention particulière aux personnes handicapées ;

3° Procurer aux personnes handicapées ou leur aider à se procurer les biens essentiels et urgents dont elles ont besoin ;

4° Donner constamment les informations sur l'évolution de la situation ;

5° Déterminer les modalités permettant d'alerter les personnes handicapées en cas d'événement inhabituel ;

6° Entraîner les personnes handicapées et les informer sur les sorties de secours en cas d'urgence ;

7° Pourvoir à l'intention d'une personne handicapée un équipement approprié de secours ou lui permettant de

atabaza ku buryo bworoshye;

8° guha abafite ubumuga ubumenyi bw'ibanze mu bijyanye n'ubutabazi;

9° gufasha abafite ubumuga kuva ahari intambara cyangwa ibindi byago.

**Ingingo ya 3: Ivanwaho ry'ingingo zinyuranyije n'iri teka**

Ingingo zose z'amateka abanziriza iri kandi zinyuranyije naryo zivanyweho**.**

**Ingingo ya 4: Igihe iteka ritangira gukurikizwa**

Iri teka ritangira gukurikizwa ku munsi ritangarijweho mu Igazeti ya Leta ya Repubulika y'u Rwanda.

Kigali, kuwa **30/03/2009**

Minisitiri w'Ubutegetsi bw'Igihugu,

**MUSONI Protais**
**(sé)**

Umunyamabanga wa Leta ushinzwe Amajyambere Rusange n'Imibereho Myiza y'Abaturage muri Minisiteri y'Ubutegetsi bw'Igihugu
**NYATANYI Christine**
**(sé)**

help whenever deemed necessary;

8° Give first aid training to persons with disabilities;

9° Evacuate persons with disabilities from zones of conflict or other disasters.

**Article 3: Repealing of inconsistent provisions**

All prior provisions contrary to this Order are hereby repealed.

**Article 4: Commencement**

This Order shall come into force on the date of its publication in the Official Gazette of the Republic of Rwanda.

Kigali on **30/03/2009**

The Minister of Local Government

**MUSONI Protais**
**(sé)**

The Minister of State in charge of Community Development and Social Affairs in the Ministry of Local Government

**NYATANYI Christine**
**(sé)**

demander secours facilement ;

8° Donner des connaissances de base en matière de secourisme aux personnes handicapées ;

9° Évacuer les personnes handicapées des zones de conflits ou d'autres catastrophes.

**Article 3 : Disposition abrogatoire**

Toutes les dispositions antérieures contraires au présent arrêté sont abrogées.

**Article 4 : Entrée en vigueur**

Le présent arrêté entre en vigueur le jour de sa publication au Journal Officiel de la République du Rwanda.

Kigali le **30/03/2009**

Le Ministre de l'Administration Locale

**MUSONI Protais**
**(sé)**

Le Secrétaire d'Etat chargé du Développement Communautaire et des Affaires Sociales au Ministère de l'Administration Locale
**NYATANYI Christine**
**(sé)**

**Bibonywe kandi bishyizweho Ikirango cya Repubulika**
Minisitiri w'Ubutabera / Intumwa Nkuru ya Leta
**KARUGARAMA Tharcisse**
**(sé)**

**Seen and sealed with the Seal of the Republic:**
The Minister of Justice / Attorney General

**KARUGARAMA Tharcisse**
**(sé)**

**Vu et scellé du Sceau de la République :**

Le Ministre de la Justice / Garde des Sceaux

**KARUGARAMA Tharcisse**
**(sé)**

**ITEKA RYA MINISITIRI N°05/09 RYO KUWA 30/03/2009 RIGENA UKO LETA IFASHA UFITE UBUMUGA UDAFITE UMWITAHO.**

**IBIRIMO**

**Ingingo ya mbere: Icyo iteka rigamije**

**Ingingo ya 2: Ufite ubumuga ufashwa**

**Ingingo ya 3: Inkunga ya Leta**

**Ingingo ya 4: Ubwoko bw'inkunga itangwa**

**Ingingo ya 5: Ivanwaho ry'ingingo zinyuranyije n'iri teka**

**Ingingo ya 6: Igihe iteka ritangira gukurikizwa**

**MINISTERIAL ORDER N°05/09 OF 30/03/2009 ESTABLISHING MODALITIES OF STATE ASSISTANCE TO A NEEDY DISABLED PERSON.**

**TABLE OF CONTENTS**

**Article One: Purpose of this Order**

**Article 2: Disabled person to be assisted**

**Article 3: Government assistance**

**Article 4: Kind of assistance**

**Article 5: Repealing of inconsistent provisions**

**Article 6: Commencement**

**ARRETE MINISTERIEL N°05/09 DU 30/03/2009 PORTANT MODALITES DE PRISE EN CHARGE PAR L'ETAT DE PERSONNE HANDICAPÉE SANS ASSISTANCE.**

**TABLE DES MATIERES**

**Article premier : Objet de l'arrêté**

**Article 2 : Personne handicapée à prendre en charge**

**Article 3 : Prise en charge par l'Etat**

**Article 4 : Genre de prise en charge**

**Article 5 : Disposition abrogatoire**

**Article 6 : Entrée en vigueur**

**ITEKA RYA MINISITIRI N°05/09 RYO KUWA 30/03/2009 RIGENA UKO LETA IFASHA UMUNTU UFITE UBUMUGA UDAFITE UMWITAHO**

**Minisitiri w'Ubutegetsi bw'Igihugu,**

Ashingiye ku Itegeko Nshinga rya Repubulika y'u Rwanda ryo ku wa 04 Kamena 2003, nk'uko ryavuguruwe kugeza ubu, cyane cyane mu ngingo zaryo, iya 9, iya 10, iya 11, iya 14, iya 16, iya 120, iya 121 n'iya 201 ;

Ashingiye ku Itegeko n° 01/2007 ryo ku wa 20/01/2007 rirengera abantu bafite ubumuga muri rusange cyane cyane mu ngingo yaryo ya 5;

Inama y'Abaminisitiri yateranye ku wa 12/09/2008 imaze kubisuzuma no kubyemeza;

**ATEGETSE:**

**__Ingingo ya mbere__: Icyo iteka rigamije**

Iri teka rigena uko Leta ifasha umuntu ufite ubumuga udafite umwitaho.

**__Ingingo ya 2__: Ufite ubumuga ufashwa**

Umuntu wese ufite ubumuga

**MINISTERIAL ORDER N°05/09 OF 30/03/2009 ESTABLISHING MODALITIES OF STATE ASSISTANCE TO A NEEDY DISABLED PERSON**

**The Minister of Local Government,**

Pursuant to the Constitution of the Republic of Rwanda of 04 June 2003, as amended to date, especially in Articles 9, 10, 11, 14, 16, 120, 121 and 201;

Pursuant to Law n° 01/2007 of 20/01/2007 relating to protection of disabled persons in general especially in Article 5;

After consideration and approval by the Cabinet in its session of 12/09/2008;

**HEREBY ORDERS:**

**__Article One__: Purpose of this Order**

This Order determines modalities of how the state shall assist a needy disabled person.

**__Article 2__: Disabled person to be assisted**

Any disabled person identified by an

**ARRETE MINISTERIEL N°05/09 DU 30/03/2009 PORTANT MODALITES DE PRISE EN CHARGE PAR L'ETAT DE PERSONNE HANDICAPÉE SANS ASSISTANCE**

**Le Ministre de l'Administration Locale,**

Vu la Constitution de la République du Rwanda du 04 juin 2003, telle que révisée à ce jour, spécialement en ses articles 9, 10, 11, 14, 16, 120, 121 et 201 ;

Vu la Loi n° 01/2007 du 20/01/2007 portant protection des personnes handicapées en général, spécialement en son article 5 ;

Après examen et adoption par le Conseil des Ministres en sa séance du 12/09/2008;

**ARRETE :**

**__Article premier__ : Objet de l'arrêté**

Le présent arrêté détermine les modalités de prise en charge par l'Etat d'une personne handicapée sans assistance.

**__Article 2__ : Personne handicapée à assister**

Toute personne handicapée identifiée par une

wagaragajwe n'urwego rw'abafite ubumuga rw'aho atuye, ko atishoboye kandi adafite undi umwitaho, bikemezwa n'Umunyamabanga Nshingwabikorwa w'Akagari, afashwa na Leta muri serivisi zigenerwa abatishoboye muri rusange.

Bitewe n'ubumuga afite agenerwa serivisi z'umwihariko zijyanye n'ibyo akeneye byamufasha kwifasha.

**<u>Ingingo ya 3</u>: Inkunga ya Leta**

Hashingiwe ku biteganywa n'igika cya 2 cy'ingingo ya 2 y'iri teka, Leta inyuza inkunga yayo yagenewe by'umwihariko abafite ubumuga badafite ababitaho kandi batishoboye, mu mpuzamashyirahamwe y'abafite ubumuga ikayishyikiriza Akarere ngo kayigeze ku Murenge;

Iyo nkunga igenerwa cyane cyane gufasha umuntu ufite ubumuga kubona insimburangingo n'inyunganirangingo.

**<u>Ingingo ya 4</u>: Ubwoko bw'inkunga itangwa**

Inkunga iteganywa n'iri teka ishobora kuba gutanga ibikoresho cyangwa koroherezwa mu kubibona.

**<u>Ingingo ya 5</u>: Ivanwaho ry'ingingo zinyuranyije n'iri teka**

Ingingo zose z'amateka abanziriza iri

association of the disabled in his/ her locality, as a needy person having no assistance and approved by the Executive Secretary of the Cell, shall access services provided to the needy members of society.

Depending on his/her category on disability, a disabled person shall access special services commensurate with requirements which facilitate him/her to help him/herself.

**<u>Article 3</u>: Government assistance**

Basing on the provisions in Paragraph 2 of Article 2 of this Order, the Government shall channel its assistance, specially meant for needy disabled persons having no persons to cater for them, through associations of disabled persons by sending it to the District which transfers it to the Sector.

Such assistance shall mainly enable the needy disabled person to access prosthesis and orthesis appliances.

**<u>Article 4</u>: Kind of assistance**

The assistance provided for in this Order can be in terms of donating materials or enabling needy disabled persons to access them.

**<u>Article 5</u>: Repealing of inconsistent provisions**

All prior provisions contrary to this Order are

organisation de personnes handicapées de sa résidence, comme étant démunie et sans autre assistance aucune, sur approbation du Secrétaire Exécutif de la Cellule, bénéficie de l'assistance de l'Etat quant aux services destinés aux personnes démunies en général.

Selon son incapacité, une personne handicapée bénéficie des services particuliers en rapport avec les besoins lui permettant de se prendre en charge.

**<u>Article 3</u> : Assistance de l'Etat**

En conformité avec les dispositions de l'alinéa 2 de l'article 2 du présent arrêté, l'Etat fait passer son aide destinée particulièrement aux personnes handicapées sans assistance aucune et démunies par la fédération des personnes handicapées par voie de District qui le transfère au niveau du secteur.

Une telle aide permet principalement à la personne handicapée d'avoir des appareils de prothèse et d'orthèses.

**<u>Article 4</u> : Genre d'assistance**

L'assistance prévue dans le présent arrêté peut consister en une aide matérielle ou sous forme de services facilitant son acquisition.

**<u>Article 5</u> : Disposition abrogatoire**

Toutes les dispositions antérieures contraires

kandi zinyuranyije naryo zivanyweho.

**Ingingo ya 5: Igihe iteka ritangira gukurikizwa**

Iri teka ritangira gukurikizwa ku munsi ritangarijweho mu Igazeti ya Leta ya Repubulika y'u Rwanda.

Kigali, kuwa **30/03/2009**

Minisitiri w'Ubutegetsi bw'Igihugu
**MUSONI Protais**
**(sé)**

Umunyamabanga wa Leta ushinzwe Amajyambere Rusange n'Imibereho Myiza y'Abaturage muri Minisiteri y'Ubutegetsi bw'Igihugu

**NYATANYI Christine**
**(sé)**

**Bibonywe kandi bishyizweho Ikirango cya Repubulika :**

Minisitiri w'Ubutabera / Intumwa Nkuru ya Leta

**KARUGARAMA Tharcisse**
**(sé)**

hereby repealed.

**Article 6: Commencement**

This Order shall come into force on the date of its publication in the Official Gazette of the Republic of Rwanda.

Kigali on **30/03/2009**

The Minister of Local Government
**MUSONI Protais**
**(sé)**

The Minister of State in charge of Community Development and Social Affairs in the Ministry of Local Government

**NYATANYI Christine**
**(sé)**

**Seen and sealed with the Seal of the Republic:**
The Minister of Justice / Attorney General

**KARUGARAMA Tharcisse**
**(sé)**

au présent arrêté sont abrogées.

**Article 6 : Entrée en vigueur**

Le présent arrêté entre en vigueur le jour de sa publication au Journal Officiel de la République du Rwanda.

Kigali, le **30/03/2009**

Le Ministre de l'Administration Locale
**MUSONI Protais**
**(sé)**

Le Secrétaire d'Etat chargé du Développement Communautaire et des Affaires Sociales au Ministère de l'Administration Locale
**NYATANYI Christine**
**(sé)**

**Vu et scellé du Sceau de la République :**

Le Ministre de la Justice / Garde des Sceaux

**KARUGARAMA Tharcisse**
**(sé)**